# KANGURA

N°[illegible]



**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.**

KA02 1438




- NAHIMANA Ferdinand umuyobozi wa ORINFOR ndaduhindurwa vuba arateza imidugararo mu gihugu.

- Rukokoma yo muri Zaïre yatumye abasirikare n'abaturage bigabiza amaduka y'abacuruzi.

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. [illegible] GISENYI, B.P. [illegible] KIGALI

Abonnement annuel: Rwanda: [illegible] FRW
Afrique: [illegible] FRW
Europe: [illegible] FRW
Sur cpte BCR [illegible] KIGALI

Tél. [illegible] GISENYI
[illegible] KIGALI
[illegible]

Le contenu des articles engage l'Auteur et l'Editeur
[illegible] que par la qualité de l'impression.

KA02 1439

## EDITORIAL

# LETA N'UMUBYEYI WA TWESE




*Nta kitarugwa kuko n'iyo bigoye baragenekereza cyangwa bagaca amarenga. Ubu umwaka urashize dutewe. Mu ntangiriro y'intambara wasangaga umwanzi azwi neza, nta washobora kwibeshya k'uwaje amena amaraso. Nibwo wasangaga hari abavuga bati: «aho kugira ngo barufate turi bazima tuzarwana kugeza k'uwa nyuma, noneho babone kuruturamo bonyine». Ubwo buryo bwo gutekereza bwahaye ingabo z'u Rwanda akanyabugabo, zirwanirira zitijana ubusugire bw'igihugu cyababyaye kikabaheka. None rero aho ibintu bigiye kuzambira abasirikari barahahejwe. Aho ni muri politiki. Abaduteye bongeye gusubirana isura bari bafite mbere y'Ukwakira 1990. Bongeye gucengera bafite ubukana bwinshi kandi bushya bwo kumunga politiki n'abanyapolitiki b'u Rwanda. Bizongera bitugeze he ?*

*Nta kitarugwa kuko n'iyo bigoye baragenekereza cyangwa bagaca amarenga. Mu buzima bw'umuntu, bw'ishyirahamwe, bw'igihugu, habamo ibihe bituma hagomba gufatwa ibyemezo byanze bikunze. Kuko gufata ibyemezo ni nguhuriza imitwe y'intoki z'ibiganza ku gahanga, ijosi ukaryegura, ukitegereza mu cyoko, uku ntu ubuzima bw'ejo hazaza bwishu shanyije, ukareba niba hari icyizere cyo gutsinda cyangwa kuburiramo nka Rwigema. Nk'ubu igihugu cyacu kiri mu bihe byo gufata ibyemezo. Ariko haramutse hatabayeho abahanga bahagije bo gusuzuma neza ibifashwe, gutsinda biri kure y'u Rwanda. Koko Banyarwanda, Banyarwandakazi, iri vugurura rya politiki riramutse ribaye nka rya rindi ry'amashuri ryo muri 79, urubanza twazacirwa n'amateka aho rwaba rworoshye ?*


*Nta kitarugwa kuko n'iyo bigoye baragenekereza cyangwa bagaca amarenga. Ni byo rwose guhubuka muri politiki ni ikosa. Ariko no kurangwa n'ubwoba igihe cyose na ryo ni irindi. Kuko icyakwangizwa n'ubuhubutsi, n'ubwoba bushobora kucyangiza. Ku ruhande rumwe «imibano» ishobora kuzamba mu gihe k'urundi ishobora kumera neza ariko ikazamo kubonerwa n'agasuzuguro. Politiki isuzuguritse rero cyangwa yisuzuguza si yo dukeneye muri ibi bihe tugezemo. Ntidukeneye na gato ubwoba muri politiki buterwa ahanini n'abayice ngeyemo ari ibirumirahabiri, ubu akaba aribo bavuga ngo nimudafata ibyemezo ibi n'ibi kababayeho ! Bityo abategetsi bakaba bokejwe igitutu maze ingaruka zabyo rubanda nyamwinshi ikazifatisha yombi, kuko ibyuya babizwa n'ibyo birumirahabiri bibatera gukinisha amagambo kandi muri politiki kizira. Ibakwe mu mvugo nyapolitiki (éloquence politique) ritwigisha neza ko ari umwuga wo kumvikanisha no kwemeza hakoreshejwe igikorwamvugo, ariko hagakoreshwa amagambo asa nk'aho yapimwe ingufu n'ingaruka azagira ku bo abwirwa.*

*Nta kitarugwa kuko n'iyo bigoye baragenekereza cyangwa bagaca amarenga. Ntawe bitangaza iyo ibinyamakuru by'inkotanyi byandika ngo NGEZE Hassan ni inkotanyi. Ahubwo bitera kwibaza ndetse kumirwa iyo umuhutu abyemeza. Ese nk'uwo asoma KANGURA ? Azi mbere na mbere igituma umuyobozi wayo ahozwa mu kagozi ? Ikindi cyemezo rero cyafatwa muri izo nzira tuvuge ibintu uko biri, kitabaye ikimenyetso cy'u bwoba cyaba icyo kwisuzuguza. Abanyarwanda bose ndetse n'abanyamahanga bazi neza ko amatangazo aciye kuri RADIO-RWANDA ashobora kuba ari aya Leta cyangwa ay'abikorera ku giti cyabo. Nyamara hambere aha ORINFOR yanzeko KANGURA ihitisha itangazo rimenyesha ko nimero 21 yasohotse. Ngo iki kinyamakuru kikaba kitagomba kongera kuvugirwa kuri RADIO-RWANDA. Ko ari iy'Abanyarwanda bose KANGURA yo ihejwe ite ? Bikomeje bityo se byaba bitaniye he na bya bihe Bwana Kirisitofori MFIZI yari yararuze ko nta tangazo ryamamaza Kinyamateka rizahita kuri RADIO ! Ariko byose tutabibonyemo gusa ibibi, itandukaniro tubona ni uko Bwana MFIZI yaruze atyo akibagirwako Kiliziya Gatolika igira isaha yose mu misa tumenyereye ko ihita ku cyumweru saa tanu kuri RADIO.*

## *Gutsinda iyi ntambara si iby'umuntu umwe :*




Hagombye Politiki ya HABYARIMANA



Ubushakashatsi bwa Kangura

*Ubu hagombye imbaraga z'abanyarwanda bose*



Ubuhanga buhanitse bwa Koloneli NSABIMANA

*Muri icyo gihe umupadiri yacishagamo akavugako KINYAMATEKA yasohotse. Tuzasoma se misa y'irihe dini ngo tugenze nk'abandi ? Dushyire mu gaciro : mu by'ukuri kwamamaza KANGURA kuri RADIO-RWANDA kuko ari ikinyamakuru gicuruzwa kandi cyigenga kivugira rubanda nyamwinshi bitwaye iki ?*

*KANGURA se yemeze umuco wa LUNARI, itemera Revolisiyo yo muri 59, noneho ijye ifata ihembe n'ingoma kugira ngo ibone uko imenyesha rubanda nyamwinshi ko yasohotse ? Mu majyambere twazaniwe na Perezida HABYARIMANA ibyo ntitwabyemera. Ahubwo Leta niyihutishe umushinga wo kureka amaradiyo yigenga ngo akore. Nk'uko twabibamenyesheje kuva muri Nyakanga 1991, Gisenyi-Info ifite umushinga wo gushyiraho RADIO yanyu yigenga «La voix du Peuple» (Ijwi rya Rubanda).*

*Nta kitavugwa kuko n'iyo bigoye baragenekereza cyangwa bagaca amarenga. Perezida HABYARIMANA ntako adakora kugira ngo ubukungu bw'igihugu bwifate neza. Abakurikiranye intambara zo mu bihugu nka Tchad, Somalie, Ethiopie, n'amapfa yo mu bihugu bituriye Saheli bazi neza ko abakozi baho bamaze amezi n'amezi ndetse n'imyaka badahembwa kubera amikoro make atewe n'intambara n'inzara.*

*Nyamara muri iki gihugu cy'imisozi igihumbi, kubera ubushishozi no gushyira mu gaciro bya Perezida HABYARIMANA, abakozi ba Leta bose barahembwa. Gusa igiteye impungenge ni uko hari abibeshya ngo amashyaka menshi yarangaje rubanda bakanyereza bataziko uwiba yububa abonwa n'uhagaze. Abashinzwe kurengera inyungu za rubanda barahagurutse. Ubu baracunga kuva k'umuturage, Selire, Konseye kuzamuka kugera iyo. Hazagire ukomeza kwibeshya ngo turi mu nzibacyuho ! Kuvuga si ukuryana kandi si ngombwa kubyita gusangira. Cyakora umubyeyi nta we aheza.*

*GISENYI-INFO.*

# LETTRE OUVERTE AU PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE

Journal KANGURA
C/o Gisenyi-Info
B.P. 19 Gisenyi

Impamvu:
Ibibazo biri imbere mu gihugu

Gisenyi le 01/10/1991

Ibaruwa ifunguwe yandikiwe Perezida wa Repubulika y'u Rwanda,

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Nk'uko twakunze kenshi kubagezaho ibibazo biri imbere mu gihugu, twagiraga ngo twongere tubagezeho bimwe mu bivugwa hanze aha:

1. Nyuma y'iperereza ryakozwe n'abanyamakuru ba KANGURA, ryatweretse ko mu matora ataha muzongera kuyobora uru RWANDA nk'uko twabibwiwe n'Abanyarwanda benshi. Imbonerahamwe ikurikira hepfo iragaragaza imyanya M.R.N.D. yabona mu matora yakorwa kuko twerekanye amanota ifite mu mpande zose z'u Rwanda. N'aho bigaragara ko MRND ifite amajwi make, abaturage baho baragushyigikiye nk'uko babyivugira. Ndetse biyemeje kuzisubiraho bakagana ishyaka mwabatoje nimwemera guhindura abo andi mashyaka yita "abasenengeri". Ni ukuvuga abayobozi batemerwa n'abaturage. Kandi bariho mu nzego zinyuranye.

2. Kubera ko Itegeko-Nshinga ryemerera buri muntu gutanga igitekerezo cye, twerekanye icyo rubanda itekereza ku bazahindurirwa imirimo. Guverinoma ubu ikwiye guhindurwa, igashyirwamo amatwara ahwanye n'igihe tugezemo, kubera ko umwuka igihugu gihumeka ubu atari mwiza, ukaba ugomba gusukurwa na Guverinoma y'inzibacyuho igomba gushyirwaho mbere y'Ugushyingo. Si ngombwa ko Abaminisitiri bose bavaho kuko hari igihe na byo byazambya igihugu. Muri iyo Guverinoma, Abanyarwanda bakeneye abantu bafite amatwara avanze n'ubuhanga biberanye n'u Rwanda rwa none. Ni ukuvugako hazajyamo Abaminisitiri batoranyijwe kubera ubuhanga bagaragaje kandi bagashyirwa muri za Minisiteri zizatuma bakomeza kubugaragaza. Nta gufata umusiviri ngo ahabwe Minisiteri y'ingabo cyangwa ngo Agoronome ayobore Minisiteri ishinzwe politiki na bwo muri Perezidansi ya Repubulika.

3. Ku bijyana n'ubutabera, mwebwe ubwanyu mwakunze kugaragaza ko mutabwizera. Ndetse mugera aho mubishyira muri za disikuru, mwamagana imikorere y'ubucamanza. Kubera ko hari abahanwe n'ubwo bucamanza bwazambye, bukaba bwaranakoreraga ishyaka rimwe ritabashije kubonako hari abarengana muri urwo rwego, byazaba byiza u Rwanda rukoze ihanagurabusembwa risesuye, bityo abahanwe bose n'ubwo bucamanza bwazambye bakababarirwa. Hanyuma mugatuma Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere izaba ihuriweho n'amashyaka menshi, ibuvugurura. Hagati aho ingingo zimwe na zimwe zigahinduka, kuko bitumvikana ukuntu mwakwemerera abaturage, ndetse Itegeko Nshinga ryemerera umuntu kugaragaza ibyo anenga akoresheje imyigaragambyo igihe ari ngombwa, hanyuma ingingo ya 166 mu gitabo cy'amategeko ahana igakomeza igakoreshwa. Ibyo bituma amahanga adufata nk'abana batobera urwondo mu kiziba cya politiki.

KA02 1441

Si ngombwa ko harondorwa amazina y'abarengana kuko imyigaragambyo yabaye muri za gereza z'u Rwanda muri ibi bihe ibyerekana (Kigali, Ruhengeri, Gisenyi). Abanyururu baricwa bazira ubusa, Minisitiri ushinzwe ubucamanza akemerako Leta ikora amakosa nk'ayo, mu kutubahiriza amakosa yishyiriyeho. Umuntu ahabwa ibihano bidakwiye kubera ubuswa, ruswa n'icyenewabo by'abacamanza. Birababaje kandi biteye agahinda iyo wumvise umucamanza yihanukira ngo mu ijoro ritazwi, ku munsi utazwi, uri mu gatsiko katazwi, witwaje intwaro itazwi, wakoreye icyaha aha n'aha. Ubwo rubanda igahabwa ibihano bityaye mu maherere nk'ayo aterwa na bya bintu bitatu bimaze kuvugwa. Kubona umuturage yarakomeje kubeshywa ngo iriya Minisiteri ni iy'Ubutabera, kandi atarigeze arenganurwa na rimwe, ahubwo ikaba yarakoreye abategetsi ibyo bashaka ku giti cyabo, n'abanyamafaranga ibakorera ibyo bifuza, ubwo rubanda na Leta bapfa rumwe. Ingero z'uko Leta ihindurwa ni nyinshi. Urwa hafi ruri muri SONARWA kuri dosiye ya Gisagara J.B. izamuhesha akayabo k'amafaranga miliyoni mirongo itatu.

Si ibyo gusa bigaragaza ko umuturage na Leta bakirengana: ejobundi Minisitiri w'Ubucamanza yiyamye abayikoresha ingoma y'igitugu, bagakoresha ikiboko muri Gereza, bakavunagura abagororwa.

Uretse n'ibyo muzi neza ko NGEZE Hassan aherutse muri Gereza azira ubusa. Aho arekuriwe agatsiko kazwi n'ubutegetsi kakigabiza urugo rwe n'amajerekani yuzuye lisansi, kagasuka ku nzu maze kagatwika. Muri iryo joro yatabawe n'abaturage. Perefe w'umugi wa Kigali azi uko byagenze aherey e kuri raporo yashyikirijwe n'inzego zakoze anketi. None bishoboka bite ko abo bantu, n'ubwo bakomeye, bakomeza guhishirwa, n'ubwo bugome bwose.

Si ibyo gusa yakorewe amaze gufungurwa. Mu ijoro ryo kuya 26 Nzeli 1991, agatsiko kagizwe n'abajandarume ku Gisenyi, kigabije urugo rw'umukecuru we, akubitwa biteye isoni n'abo bajandarume, abandi bari mu rugo na bo babakorera ibya mfura mbi. Kandi niba ari na we washakagwa ntiyari yabuze. Ubwo bugizi bwa nabi, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, yabukorewe n'abajandarume bo ku Gisenyi. Biragaragara ko hari abatumwe n'inzego zo hejuru, none tukaba twibaza icyabuze kugira ngo abo bantu bashyirwe ahagaragara.

Urugero rw'abahiga NGEZE Hassan mu buryo bwose, muzi ubwanyu ko ruherutse kwigaragaza ku bategetsi bahora bikekaho ko azashyira ahagaragara amakosa yabo, igihe bakwizaga taragite mu mugi wa Kigali, zivuga ngo KANGURA yaguzwe n'umwanzi, kugira ngo nimuramuka mutekereje nka bo, muzatange ubuzima bwe. Ese aho kugira ngo bace muri izo nzira, mwabatubwiriye bakamurega akaburana nabo, ibyo bamuziho bakabitangira ibimenyetso.

Ibyo bibazo byose byavuzwe bituma abanyamahanga bibaza aho u Rwanda rujya bakayoberwa, n'abaturage babashyizeho bagashoberwa.

Ese aho turi duce M.R.N.D. iburamo abayoboke ntibyaba biterwa n'izo nenge zose zavuzwe haruguru. Ku byerekeye ibikorwa mwakoreye iki gihugu bibonwa n'abashyira mu kuri bose, kandi ni bo benshi.

Bemeza ko ku mwanya wa Perezida wa Repubulika muzabona 92% by'abazatora ariko ku byerekeye ishyaka, hari byinshi bikenewe gukosorwa kugira ngo iriya mbonerahamwe igire icyo ihinduka bityo na M.R.N.D. izagire Abadepite biganza mu Nama y'Igihugu Iharanira Amajyambere izaba ihuriweho n'amashyaka menshi.

## KUGEZA MAGINGO AYA DORE UKO TWE TUBONA ABANYARWANDA MU KWITABIRA AMATORA MU MASHYAKA MENSHI KUBERA IMPAMVU ZINYURANYE

| | MRND | MDR | PSD | PDC | PL |
|---|---|---|---|---|---|
| Kigali | 70 | 20 | 5 | 1 | 4 |
| Gitarama | 60 | 38 | 1 | 0 | 1 |
| Butare | 44 | 40 | 10 | 2 | 4 |
| Gikongoro | 35 | 50 | 12 | 1 | 2 |
| Cyangugu | 70 | 25 | 4 | 1 | 0 |
| Kibuye | 45 | 50 | 3 | 1 | 1 |
| Gisenyi | 81 | 15 | 1 | 3 | 0 |
| Ruhengeri | 90 | 9 | 0 | 1 | 0 |
| Byumba | 83 | 17 | 0 | 0 | 0 |
| Kibungo | 48 | 46 | 0 | 3 | 3 |
| Kigali Ville | 30 | 38 | 10 | 2 | 20 |
| RWANDA | 60% | 32% | 4% | 1% | 3% |

* Iyi mibare yose yashyizwe ku ijanisha.

Iki gishushanyo mbonera uko kimeze uku, cyagira icyo kivuga ku matora yose azakorwa uretse irya Perezida wa Repubulika.

# LETTRE OUVERTE AUX PRESIDENTS DES PARTIS POLITIQUES

KA021442

Journal KANGURA,
C/o Gisenyi - Information
B.P. 19 GISENYI

Impamvu :
Kugaragaza imikorere y'uwahawe akazi adashoboye

Kigali, le 04 Ukwakira 1991

Ibaruwa ifunguye ku bayobozi bahagarariye amashyaka yemewe mu RWANDA.

Ba Nyakubahwa Bayobozi,

Twebwe abagize ishyirahamwe GISENYI-INFO, tukaba tugaragariza ibitekerezo byacu muri KANGURA, ikinyamakuru cyemerwa n'Abanyarwanda hafi ya bose, ndetse n'abanyamahanga bakurikiranira hafi ibibera mu Rwanda bakaba bamenya ibibabaje rubanda bifashishije icyo kinyamakuru, dore ko ari na cyo umusemburo wa demokarasi mu Rwanda.

None rero tugiye kubagezaho ubushakashatsi twakoze ku muntu wahawe imirimo adashoboye. Nk'uko na mwe mwakunze kubyivugira mu biganiro mbwirwaruhame, mwemeza ko uwo muntu imikorere ye idindiza demokarasi mu Rwanda. Bityo mukaba mwarakunze gusaba ngo ahindurirwe imirimo inzira zikigendwa. Mu by'ukuri namwe ubwanyu ndetse n'Abanyarwanda bakunda demokarasi, mwemeza nta shiti ko ibyo KANGURA itangaza aba ari ukuri kwambaye ubusa.

Ba Nyakubahwa, kuba ibyo tuvuga Leta isanga bifitiye igihugu akamaro, noneho igahita ibishyira mu bikorwa, ntibisobanura ko ari ikinyamakuru cyabwo, nk'uko abo ashyira ahagaragara bagenda babyitwaza. Yewe n'abavuga ngo abanyamakuru ba KANGURA ni abahanuzi ntibaba bibeshye, ntibaba bibeshye kuko icyo bakora ari ugushyira ahagaragara amarorerwa aba yarakozwe, akorwa, cyangwa ari mu migambi yo kuzakorwa, bityo byajya ahagaragara, Leta yasanga koko bifite ishingiro ikarenganura rubanda. Kuko, birazwi, ubutegetsi ni ubw'abaturage, butangwa nabo kandi akaba ari bo bukorera.

Kubera ko Umuyobozi wa ORINFOR, Nahimana Feridinandi twasanze amarorerwa yakoze mbere y'uko agabirwa uriya mwanya wamunaniye ku buryo bubonwa na bose, tutashobora kuyihanganira, twiyemeje gusohora imikorere mibi ye mu nimero za KANGURA zizakurikira kugeza ubwo azihana, akisubiraho, kandi agasobanurira rubanda ibimuvugwaho byose, cyangwa se agahindurwa. Ariko bizamugora kuko Abanyarwanda bavuga ngo akabaye icwende ntikoga, niyo koze ntigashira umunuko.

## NAHIMANA NI MUNTU KI ?

Nahimana ukomoka muri Gatonde mu Ruhengeri utarigeze yiga umwuga w'itangazamakuru cyangwa se ngo anawukore, yarateruwe mu buryo butunguranye, aterekwa ku ntebe y'ubuyobozi bw'itangazamakuru rya rubanda, kuko iyo biramuka bikozwe, bari kumenya uwo ari we, icyo ari cyo n'icyo agamije. Agahomamunwa ni uko yahawe uwo mwanya wo kuyobora itangazamakuru atarikunda, nk'uko byerekanywe n'abanyamakuru bose bo mu Rwanda igihe bateranaga mu nama yabahuje bwa mbere. Ndetse abo banyamakuru baje kwifuza ko yahindurwa none ubu bategereje ko bahabwa undi muntu ushoboye ako kazi.

Ba Nyakubahwa, mwese muzi neza amarorerwa yakoze na n'ubu kandi agikora muri ORINFOR. Abakozi benshi babishoboye yarabirukanye nta mpamvu ku buryo abanyamashyaka mutegereje icyo Perezida wa Repubulika wamushyizeho abivugaho. Abirukanywe bose, amahanga adufasha, yasabye ko basubizwa mu mirimo yabo, Nahimana avuga ko bazasubizwa mu mirimo kuri ORINFOR ari uko abamugabiye bamukuye ho ibiganza. Ingero ni nyinshi ku buryo umunyarwanda wumva Radiyo cyangwa usoma ibinyamakuru bya Leta yabitangira ibimenyetso.
Dore nk'umunyamakuru wari uhagarariye RADIYO ikomeye yo mu Bufaransa, agakora no kuri RADIYO RWANDA aherutse guhutazwa, ibi bikaba byatuma u Bufaransa bugabanya inkunga bwateraga itangazamakuru ryo mu Rwanda kubera ubuswa bwa Nahimana, kuko ibyo uwo munyamakuru yatangaje ari demokarasi yari ashyigikiye. Ntibyumvikana ukuntu yakomeza kuzambya ibintu kandi ibimenyetso bigaragazako imvururu azateza mu gihugu ari nyinshi. Nko mu kwezi gushize yatanze lisiti y'abakozi bemewe n'igihugu kubera ubuhanga bwabo muri ORINFOR, nyamara asaba ko ngo bahindurwa, abaziza ko batahuye ubuswa bwe.

Iyo lisiti yageze kwa Perezida, ihita isubizwa Nahimana igitaraganya kuko yari iteye isoni. Aho tuributsa ko na wa wundi wakoze igikorwa cyo gushyira F.M. kuri Karisimbi Nahimana atamushakaga, kandi isi yose imwemera kubera icyo gikorwa cyiza.

Dore nk'ubu abakozi benshi cyane bakora muri ORINFOR, bifatanyije n'abanyamakuru bigenga, ndetse n'abandi bose birukanywe, biyemeje kuzandika basaba gukora imyigaragambyo, ngo barebeko nibura Leta yamuhindura. Abamucira akari urutega ni 3 gusa: umwe yamugabiye ubuyobozi bwa RADIYO undi amuha ubw'Imvaho, usigaye aracyamushakishiriza.

Dukurikije isesengurwa ryakozwe ku bo yirukanye, dusanga abiganje ari abadakomoka hamwe na we n'abadahuje na we ubwoko. Namwe mushobora kwibaza i-

KA02 1443
KA021443

mpamvu mu gihe gito nk'iki ahawe ubuyobozi bwa ORINFOR, haba hari imvugo imaze kwamamara ya "RADIYO-GATONDE". Ingeso nk'iyo na none kandi yayigaragaje i Nyakinama.

Kugeza magingo aya, kandi turakeka neza ko ariko bizahora, umunyamakuru ni umuntu ugomba kuba intangarugero mbere yuko aba urumuri rwa rubanda. None ko ibimenyetso byatanzwe n'ikinyamakuru ISIBO byagaragajeko yibye amafaranga ya Leta, na n'ubu akaba yaranze kuyasubiza. We ubucamanza bumutinyamo iki ?

Nahimana utinyuka gushimishwa n'uko umunyamakuru yafunzwe kandi azira ibitekerezo bye, [illegible] gara vigaramiye, ngo ni uko ashyigikiwe ! Ese na we dutegereza ko inama y'amashyaka ari yo ubwayo izamwishyuza umutungo abarwaho, cyangwa akaba ariyo izamuhindura habaye imvugaragambyo izaba yatewe na we ?

**ITANGAZO RY'UBWANDITSI BWA KANGURA.**

Kubera ko KANGURA yiyemeje gushyira ahagaragara icyateza demokarasi imbere, irasaba abantu bose bafite icyo bazi kuri Nahimana wagabiwe ORINFOR, haba aho yakoraga mbere, yaba ibyo yakoranye na Buroko uvugwaho byinshi cyane, yaba ku mazu ye ari mu Ruhengeri, yaba ku myifatire ye i Paris (France) aho yari acumbitse, ndetse no kubijyana n'ivangura ry'uturere yacengezaga ku banyeshuri yigishaga. Tuboneyeho no kumenyesha abanyamakuru bose bifuza gutangaza imikorere mibi ya Nahimana, ko Gisenyi Info izabaha amakuru kuri we ku buntu, bityo turebe ko Leta yakunda ikumva, ikegeza kure icyo gitotsi cya demokarasi mu Rwanda.

Bimenyeshejwe :
- Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
[illegible]
- Abashyigikiye Demokarasi na Repubulika
- Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda
- Ishyirahamwe Mpuzamahanga Ryita ku Banyamakuru.
- Abanyamakuru bose bo mu Rwanda.

**NAHIMANA F., LE DOCTEUR EN DICTACTURE EST HISTORIQUEMENT ANTI-DEMOCRATIQUE.**

*UN DEMOCRATIQUE "COUT DE FACULTE" ! Une année après son installation, le 1er rwandais à être Doyen de la Faculté des Lettres se voit retirer la confiance qu'il avait acquise de ses "ex-pairs". Lundi 22 juin 1981, élections de l'executif de la Faculté rénovée qui reconduisent aisément le Vice-Doyen (L. NKUSI) et le Secrétaire (E. NTEZIMANA) à leurs fonctions.*

*Quant au Doyen, le candidat unique arrache 12 voix, contre 27 "non" et 3 abstentions. Devant ce constat, la prudence conseille de remettre l'élection du Doyen seul au mercredi 24. Deux jours de réflexion et ... après le dépouillement du scrutin (2ème tour donc), le seul candidat en lice (le même Doyen sortant) s'approprie 18 voix contre 21 "non" et 3 abstentions. C'est la debandade et... l'angoisse. Le candidat usant de son reste de pouvoir, harangue "la foule" à la Cicéron. "Il nous faut un chef se disent les membres de l'Assemblée, mais pas un F. NAHIMANA". Car, au 3ème tour, le dépouillement donne 15 pour, 2 "nul" et ... 25 contre. C'est alors et seulement alors que Monsieur le Doyen abandonne et démissionne officiellement. L'intérim sera assuré par le Vice-Doyen en attendant... d'autres surprises.*

*dans Diapason 15e année N° 3, p.54*

# ZAÏRE: RUKOKOMA YATUMYE ABATURAGE BIGABIZA AMADUKA Y'ABACURUZI BAFATANYIJE N'ABASIRIKARI.

Burya koko inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo. Rukokoma birirwa baririmba, aha haravugwa abacuruzi bo muri Zaïre, bari barayigize nk'indirimbo nk'uko ino aha mu Rwanda bamwe bayifata none yabakozeho. Mu kuri, iyo Rukokoma yo muri Zaïre yagenewe miliyari 20 z'amazayirwa. Ni ukuvuga hafi miliyoni 200 y'amanyarwanda.

Muri iyo nama haje kurangwamo ubwumvikane buke hagati y'abishyizeho biyita ko bahagarariye rubanda. Ni ukuvuga ba bandi baba mu migi gusa batazi icyaro n'abagituye. Abo rero baje gushyamirana n'abashyigikiye ingoma ya Mobutu ugifite abantu benshi bakimushyigikiye. Bakomeje guterana amagambo, bikanyuzwa kuri televiziyo no kuri Radiyo, ukwezi kurihirika, na n'ubu, iyo nama itaratangira. Uko ikomeza gutinda ni nako abayiteraniyemo bakomeza kurya muri za miliyari 200 zatanzwe.
Akaduruvayo kamaze kugera ku nkombe, umusore wari uhagarariye urubyiruko, kandi akaba no mu bayobora inama, n'ubwo ari we wari ufite imyaka mike cyane, yabwiye bagenzi be ati "iki gihugu muzambya, si mwe mwihemukira. Murahemukira twe, Zaïre y'ejo".

Ikibabaje rero ni uko abaturage babonye Rukokoma ikomeza kutagira icyo igeraho kandi inzara ibavuzamo ubuhuha, ibiciro ku maduka "bikazamuka" nk'umwungu, izayire rikagwa nk'inzu ihiye, n'ugize ayo mazayire ntabone aho ayajyana kuko abacuruzi bamusabaga amadovize mu gihugu cye, noneho ibyo byose bituma bigabiza amaduka bafatanyije n'abasirikare b'ibyigomeke. Amaduka barayasenye i

KA02 1444

Kinshasa, barayasahura ku buryo nta n'urwembe basizemo. Ndetse n'inzu OZRT (Office Zaïrois de Radio Diffusion et de Télévision) bayigezemo n'ubwo batayigenje nk'ahandi. Umunyamakuru wo kuri Télélvision Antenne 2 y'u Bufaransa yaravuze ngo abasahuzi ntibatinya gusahura mu maso y'abafataga amafoto ya télévision. Umusirikari wabaga abuze agafuko ko gutwaramo iminyago, yaremeraga akiyambura ishati agahambiramo ibye. Umunyamakuru w'umuzayirwa, mu kugira icyo avuga ku mafoto télévision yatambutsaga, yaragize ati "nimurore abo basahuzi ukuntu bafite ibinezaneza mu maso. Nyamara mu minsi mike bazagira agahinda karushijeho". Mu by'ukuri ibyasenywe n'ibyasahuwe mu mugi wa Kinshasa mu masaha mirongo ine n'umunani, Abazayirwa nibashyiraho akete ntibazabisana munsi y'imyaka itatu.

Mu minsi yakurikiye isahura ridasanzwe i Kinshasa, no mu yindi migi ya Zaïre byarabaye nk'i Lubumbashi no kuri Goma. Umutekano muke wahabaye watumye i Kinshasa hoherezwa ingabo z'amahanga z'u Bufaransa n'Ububirigi kugira ngo zirinde umutekano w'abazo. Byatangaje benshi kubona Zaïre izwiho kugira abasirikari benshi yoherererezwa ingabo z'amahanga zo kubahiriza umutekano. Wenda birashaka gusobanura ingaruka mbi za Rukokoma.

None se iyo rukokoma bamwe bifuza iramutse itiganywe ubushishozi, ibyabaye hakurya, bikubye kabiri iwacu, hari abavuga ko batabuNone se iyo rukokoma bamwe bifuza iramutse itiganywe ubushishozi, ibyabaye hakurya, bikubye kabiri iwacu, hari abavuga ko bataburiwe ? Ruriye abandi rutatwibagiwe, nidutekereza Rukokoma buhumyi.

Dore nk'ubu Abanyarwanda benshi, benshi, benshi cyane, bemeza ko bashyigikiye Habyarimana. Haravugwa Abanyarwanda bashobora kujya mu mashyaka. Gerekaho rero n'ingabo z'igihugu zose zimukunda. None bariya birirwa bamutuka bashaka kumutesha agaciro, umunsi twerekanye ko tutifuza uvogera Umubyeyi wacu tukabyerekana tumwamamaza, ntihazagire uwo bizatungura.

Jacques Turana

Rubavu/Gisenyi

## UBWANDITSI BWA KANGURA NONEHO BURASHIMA SINGAYE.

Muzi neza ko twababwiye ibyerekeye amadosiye ya Singaye, n'abagore be, n'abana be, n'abaturanyi be, n'abashoferi be. Ndetse n'abo agira impunzi, n'abo asubiza kw'isuka ku buryo buzwi na bose. Icyo dushimira Singaye rero n'uko ibyo Kangura imushinja ku bagore be nawe yabyemeye, akaba yariyemeje kubikosora. Dore ko umugore we witwa Berenadeta, wavuzwe na Singaye byinshi amusebya yiyemeje kumugarukira, buhoro buhoro, kuko noneho yamuboneye aho adandaza mu isoko rya Gisenyi. Ndetse akaba yaramuvanye muri Home y'ababikira aho uwo Mudamu amaze imyaka ibiri acumbitse. Ubu uwo mugore abarizwa mu nzu Singaye yabagamo muri za 1960, atarakira byo kwihakana urubyaro. Amadosiye icyenda asigaye twizeye ko azayakosora ubutaha, ari uko Kangura yayashyize ahagaragara. Ikindi twamushimira, yagezeho nyuma yaho Kangura imubereyе urumuri, ngo nuko atazongera ku rwanira ibitoki na bene Nyiranta bwa, bo banacanye ibyo bintu birukanwemo. Komereza aho Singaye we.

Kubera ko Singaye yabaye umuyoboke wa MDR, mukarere ka Gisenyi, n'ubwo kugeza magingo aya yabishatse, ariko akaba abihisha, byaje gutuma atumvikana n'abana be, ndetse n'abagoyi benshi bakomoka mu muryango umwe na Singaye. Kuko atemera imikorere y'abashinze MRND, uwo muyoboke wa MDR, mw'ibanga, tumwifurije kuzahirwa, ariko azirikana icyatumye abacuruzi bo muri Zaïre bamburwa ku ngufu, bikuruwe na Rukokoma bahoraga baririmba.

Dosiye Singaye izakomeza ubutaha.

NGEZE Hassan



*Birashoboka ko aba ba Minisitiri bazasigara muri Guverinoma y'Inzibacyuho.*

 KA02 1445

# KAREMERA GASIPARI NIYUMVISHA ABAHINZI BOROZI KO KANGURA ARI IGISHANGA CYERA BANZA INZARA IZACIKA MURI URU RWANDA

Imbaga n° 4 ku rupapuro rwa 6 n'urwa 7 hari inyandiko y'uwitwa KAREMERA Gasipari igira iti" guhana NGEZE usize abamwoshya ni ukwikoza ubusa", Ibi byibutsa igihe abayobozi b'ibinyamakuru bitari bikeya bari barambariye kwandika ngo NGEZE Hassan hari abo yandika abandi akabasiga. Uko bikekwa nta kinyamakuru na kimwe kibaho ku isi gishobora kwandika abantu bose babaho ngo kibamare inyuma. Bityo aho kitabonye ibindi biracyunganira. Abo bayobozi ko baba bafite ibyabo binyamakuru ni nde wababujije kwandika abo bavugako batabonwa na KANGURA? Noneho rero, iyo KAREMERA Gasipari yemeza ko NGEZE afite abamwoshya, akifuzako aribo bagomba kubanza guhanwa, ariko ntaberekane, benshi bibaza niba iyo yandika aba azi icyo akora. Mu gusoma titre yahaye inyandiko ye, abarenze umwe, baketse mbere na mbere ko Imbaga igiye kwerekana abamwoshya. Nyamara umurava umusomyi yatangiranaga iyo nyandiko warangizwaga no kwibaza impamvu Imbaga igambiriye kuyobya rubanda, kuko nta n'umwe yerekanye umwoshya.

Yatangiye (Imbaga) yikingirije abahinzi-borozi. None itangiye kwivuruguta muri politiki itaka inkotanyi. Yararebye isanga KANGURA ari igishanga cyangwa ikiraro cy'inyana igiye kurangira abahinzi-borozi? Niba yumva ko inyandiko akenshi ziba ari nyapolitiki KANGURA yandika ari ifumbire ishobora guteza imbere ubuhinzi mu Rwanda, izafate KANGURA n° 4 na n° 6, aha mbere ivanemo amategeko 19 y'abatutsi, aha kabiri ikuremo icumi y'abahutu, maze yose iyashyire mu kinyamakuru cyayo, igereranye, nirangiza imenyeshe abahinzi-borozi umusaruro bazabona uko ungana.

Karemera Gasipari we yumvako kuba hari ikinyamakuru kivugira abahutu ari icyaha cyacisha umuntu umutwe. Nyamara aribeshya. Ikinyamakuru cyiyubashye kigira umurongo kigenderaho, kandi kikavuganira abarengana bose. Ibyo kandi ntibisobanura ivanguramoko. Ese ko utariyama RWANDA RUSHYA ivugira abatutsi? Ikinyamakuru gishobora kuvugira umugabane, igihugu, perefegitura, idini, ishyirahamwe, isosiyete cyangwa ishyaka (Jeune Afrique, Imvaho, Nyanza Matin, Sauti ya Umma, Echo de la FERWAFA, BRALIRWA-Contact, Umurwanashyaka) BRALIRWA-Contact ni ikinyamakuru giharanira inyungu za BRALIRWA: Hari ubwo urabona kivanga muri politiki? Wowe icyo ugamije kugeraho kirigaragaza. Reka kubeshya abahinzi-borozi. Inzira zikigendwa wagirwa inama yo kujya gufatanya na KAMEYA muri RWANDA RUSHYA cyangwa MUGABE wa le TRIBUN du peuple kugira ngo mufatanye muvugire abashumba, bene wanyu, inyuma y'abahinzi. Aka kanya ibibazo wowe na Nkuriyingoma J.B. mwahuye na byo mukimara gusohora nimero 0 murabyiyibagije! Cyangwa murakeka ko abahinziborozi basinziriye.

Muri rusange umuntu abona Karemera Gasipari yarashatse gukora isesengura rijora (analyse critique). Mu nyandiko ziteye zityo uwandika avuga akenshi ibimuri k'umutima, ibyo atekereza. Hambere aha, mu myaka ishize hari umuzungu wihaye gusesengura no kujora mu ruhame igitabo cy'umwanditsi w'umufilozofi w'icyamamare Jean Paul SARTRE mu ruhame. Ubwo nyir'igitabo nawe yari ahari ariko utanga ikiganiro atamubonye. Aho arangirije aramubona noneho aramubaza ati "uravuga iki ku isesengura n'ijora nkoreye igitabo cyawe?" Jean Paul SARTRE yarasubije ati "wakoze kumbeshyera!" Ibinyamakuru muhuje ibitekerezo byanditse inshuro zitari nke ko NGEZE afite abamwoshya, abamuri inyuma, abamushyigikiye... kuri urwo rwego Abanyarwanda barakanguwe bihagije. Ikinyamakuru kikibivuga rero ni nka ya ndondogozi y'ikirondwe...

Harya ngo SERUVUMBA Anasitazi mu nimero 0 y'Imbaga ngo yasobanuye ukuntu NGEZE ashyigikiwe n'abategetsi kandi ngo kugeza ubu ibyabaye ntibyamuvuguruje? Gasipari we ! Soma interuro ya mbere y'inyandiko yawe urasanga uvuga ko NGEZE yafunzwe tariki ya 3 Kanama 1991. Niba "kugeza ubu" wakoresheje wumva icyo ivuga, urabona inyandiko yawe idasobanya? Ikindi kandi si ngombwa ko KANGURA yisobanura ku binyoma byose bayihimbira. Usibye ko nk'umusomyi aramutse abonye aho akarengane gaherere yashobora kutuvugira. Ubundi baravuga ngo niba utarasomye, ceceka. Kugira ngo utazaceceka mu bandi ntabwo ndibukubiwre nimero y'ijambo irimo inyandiko isubiza iya Seruvumba. Ahubwo ndakubwira nka nimero eshatu uzashakiramo, wenda byagutera akete ko kujya usoma. Shakashaka nimero eshatu za nyuma z'Ijambo, muri zo harimo imwe irimo inyandiko isubiza iyo yo mu Imbaga".

Umuyobozi Mukuru w'Imbaga aka kanya yibagiwe ukuntu yasereje, akazambya, akagera aho atabika ikinyamakuru "Umunyamuryango TRAFIPRO"? Itiku rye natarifasha hasi abahinzi-borozi bazaba babarirwa urwobo azatabikamo icyo kinyamakuru yita icyabo.

Karemera rero wagombye kumenya ko kugira ngo NGEZE Hassan avuge akarengane ka rubanda nyamwinshi y'abanyarwanda atari ngombwa ko haba umuntu wo kumwoshya. Ese Kareme, wowe iyo urengera inkotanyi zari zigambiriye kutumara, ubwo ninde uba ukoshya?

NYABYENDA Issa.

# IMBUNDA YATAHUWE MURI SELIRE GATARE, SEGITERI BILYOGO YATEYE ABANYAKIGALI KONGERA KWIBAZA KU MAHORO BARIMO.

Hari abihaye gushakisha, kumenya niba koko Kigali yaratewe mu ijoro ry'uwa kane rishyira uwa gatanu Ukwakira 1990. Ndetse n'Umuyobozi w'ikinyamakuru "Dialogue" yigeze kubaza mu ruhame Minisitiri w'Ubucamanza, Bwana Nsanzimana Sylvestre niba icyo gitero cy'Inyenzi nawe ubwe yacyemeza. Kubera ko muri iyo minsi Kigali iterwa, Ministri Nsanzimana yari akiri Umukozi Mukuru wa OUA, yibera Addis-Abeba ho muri Ethiopiya, yamushubije ko uwo Padri ariwe wari ukwiriye kubimenya kuko yari ahari (kuri scène). Hari n'abandi bihaye kwemeza ko muri iryo joro, Kigali itatewe ahubwo ko abasirikari bacu baraye bikinira (scènes) imikino yo kujijisha, y'itera bwoba. Umuntu aha yakwibaza icyo bari kuba bagamije mu gihe bari kwiyemeza gukura imitima y'abo biyemeje kurinda. Havuzwe kenshi ko muri Kigali, Inkotanyi zari zagose quartiers zose, ko abasirikari bacu bahakoze akantu, ndetse kugira ngo tudakomeza guta imitwe Radio-Rwanda yabyutse isaba abanyakigali bose, ko hatagira usohoka iwe, kugira ngo akazi ko kunesha umwanzi gakorwe neza. Ibimenyetso bigaragaza ko Kigali yatewe, byagiye bivugwa, bamwe bakabifatamo ibihuha, bitewe ahanini n'ababo bari bafashwe ari ibyitso. Aho imbunda zafashwe ubivuze akabivuga nk'inkuru nawe yumvise atinya ko bamubaza neza uko yabibonye. Mbese wasangaga bisa na wa mugani ngo iyo amagara aterewe hejuru buri muntu yihutira gusama aye.

Ubu rero twatangiye kubona ibimenyetso bigaragaza ko Kigali yatewe. Ubihakana ubu yazakwibariza abaturage bo muri Secteur ya Biryogo bo batahuye imbunda Karachinikov muri Selire Gatare, ahitwa mu Rwampara, hafi y'ibagiro ry'ihene, mu kabande, mu rubingo. Ibyo byabaye tariki ya 2/9/1991 ku manywa y'ihangu. Aho bayitoye mu rubingo yari mu gikapu kinini, harimo udupaki tw'amasasu dutatu (3 chargeurs) twose hamwe dufite amasasu 70. Yari itwikirijeho imyenda irimo igikote batwaramo za chargeurs n'amagrenade. Muri icyo gikapu harimo amakanya atandatu n'ibiyiko bitatu, umunyu n'ibyuma byo ku meza.

Ibi byaduteye kwibaza niba isaka ryakozwe ryarakozwe neza cyangwa se kuva ubu ari nta zindi ntwaro zikinjira. Ko iyo mbunda yabonetse mu rubingo, aho uwashakisha mu bibumbiro by'inka, akavoma imisarane, akashakira mu migezi n'imihora akoresheje ibyuma byabigenewe ntiyavumbura ibindi bikoresho nk'ibyo?

Tubibutse ko Prefe wa Prefegitura y'umugi wa Kigali mu minsi mike yashize ibyitso bifunguwe yahawe ijambo mu nama yateranye ihuje abaturage ba Selire Kivugiza, Segiteri Nyamirambo, aboneraho kuburira abazwiho kuba Ibyitso by'Inkotanyi, ko bakwiye kurangwa n'ubwitonzi bwinshi, kuko ibyo rubanda yabaketseho, bagafatwa, bakabikwa muri gereza, imbabazi za Perezida wa Repubulika zitabibahanaguyeho. None kugeza na nubu biracyigaragaza ko umwanzi akiturimo, uretse no kuba tuzi ko ari inzoka, mumenye ko azi no kwigira nyoninyinshi. Ubumwe bwabo bo mucyayenge babukomeyeho. Bahutu muturiye Kapitali muramenye, murye muri menge, ntawamenya ibiba muri ibyo bipangu byujujwe n'abahakana ibyo twagejejweho na Revolusiyo yacu yo muri 1959, n'amajyambere bashishiyemo twazaniwe na Repubulika ya kabiri. Twese twibwira ko dutahiriza umugozi umwe, ko twibumbiye muri MRND, naho byahe biragatabwa! Muramenye ko bya byitso byongeye no gucengera mu nzego zose z'ubutegetsi. Byasubiye akari kera. Ubu nta salon y'ukomeye n'imwe utabisangamo. Bamwe bitwikiriye amashyaka, abandi ni bya bizungerezi, abandi bitwaje inyungu zitumvikana bajya gushukisha abahutu bazwi ko bakomeye cyangwa ngo babageza ibukuru, aharihd hose. Intego yabo ni ugutsinda gahutu aguye mu mutego wabo.

HITIMANA Noël
C/o Kangura

## TWIBARIZE ABANYAGISENYI

Kubera ko dufite inyandiko zivuga agahinda k'abatuye ku Gisenyi ndetse bakaba banafite n'ibintu byinshi bitagendana na Demokarasi babonana Abayobozi bo ku Gisenyi, dusanze tutatangaza ibyo bintu tutabajije abaturage barebwa n'ibyo bibazo. Musubize uko mubibona, namwe muziko bibonwa na BENSHI.

*Prefe wa GISENYI: BIZIMUNGU Côme*

*Major BAHUFITE utegeka ingabo ku GISENYI:*

*Komanda BIZIMANA uyobora Jandarumeri ku GISENYI:*

*Major KABERA ushinzwe ibya Gisirikari mu karere ka GISENYI:*

*Procureur wa Parquet ya GISENYI:*

*Bourgmestre wa Komini RUBAVU – GISENYI:*

*Maneko ushinzwe Iperereza ku GISENYI:*

– Murabona ashoboye gutegeka ku Gisenyi?
– Afite aho abogamira, nko ku bamwungirije, ku buryo abaturage bahagwa?
– Yaba afatanya akazi ke n'akubucuruzi? Hari abo uzi bakorana akazi k'ubuforode kandi ufitiye gihamya?
– Aramutse yimuriwe ahandi abaturage byababababaza?

Vuga icyo ubitekerezaho maze ubyohererereze KANGURA, B.P. 19 GISENYI

# CYANGUGU : M.R.N.D. MURI KOMINI KIRAMBO NIKUREYO AMASO, KUKO MAYIRA YAYISIBIYE AMAYIRA.

Nkuko biri mu mutwe w'iyi baruwa mbandikiye nasomye KANGURA N° 19, none ndifuza kugira icyo nongera ku nyandiko yanyu. Mu by'ukuri inyandiko mwasohoye nta binyoma birimo ku byerekeye ibivugwa kuri Burugumesitiri Mayira Mathias wa Komini Kirambo.

Gusa we byaramubabaje ku buryo yabujije ikinyamakuru cyanyu kongera kugurishwa muri Komini ye.

Ntabwo ubukana bwe bwabujije abaturage kuyigura. Gusa muri iki gihe M.R.N.D. muri Komini yacu igeze ahaga kubera uwo mugabo. Abaturage bararahiye ko bataziyandikisha muri iryo shyaka Mayira Mathias akiri Burugumesitiri w'iyo Komini.

Witembereye muri Kirambo usanga imvugo ari "M.R.N.D. nihitemo Mayira Mathias cyangwa ihitemo amajwi y'abaturage". Ibyo bigaragazwa nuko abaturage bamaze kumukubita incuro 2 zose ntawe arega. Icyo rubanda rwifuje kuva mbere hose nuko avaho ariko ntituzi icyo Leta yamubitsemo ibyo bikaba byaratumye abaturage banga M.R.N.D. Uwo mugabo azi ko ubutegetsi yabwikondeye ku buryo usanga abyigamba iyo yasindiye mu kabare ko kwa Ngezahayo Hesironi kari mu Ityazo.

Ngusetse, aherutse gusinda arakubitwa ndetse n'imbunda ya Komini barayivuna, ubwo dukeneye imbunda n'amasasu byo guhashya umwanzi we arabona izo avuna. Iyi nyandiko ntabwo igamije kumuharabika, mushaka ukuri gusesuye muzanyaruke mubonane n'abayoboke ba M.R.N.D. mu Kirambo. Tubabajwe nuko iryo shyaka ryacu rihatereye umurongo kubera umuntu umwe.

Abaturage ntitwanga ishyaka ahubwo twanga ko aridutsindagira kandi mu myaka 17 amaze ari Burugumesitiri yikurikiriye inyungu ze gusa ku buryo isoko rya Kirambo ryinjizaga amafaranga 120.000 Frw buri mugoroba ritakibona na 1/3 cyayo kubera kuyarigisa.

Dore icyo nari nibagiwe "wari uzi ko mu bategetsi b'i Cyangugu Mayira ariwe wenyine unywa ibiyobyabwenge (urumogi). Iyo yagatumuye arwana n'abaturage kuko bimutera ibitekerezo bibi. Mbasabye kuntangariza ibi bintu kugira ngo ubwiru bwe burusheho kumenyekana kandi no gutangaza amazina yanjye ntibibujijwe naho M.R.N.D. muri Kirambo nikureyo amaso Mayira yasibye amayira.

Umusomyi wa KANGURA

Migambi Jean François

NDRL:
Bwana Mathias Mayira, umaze gusoma ibi hari icyo wongera ku nyandiko ya Hitimana Noël ngo yashavuje abayoboke bawe?

# BIZIMANA Jean Baptiste wo muri C.R.R ARASONGA IMBABARE NAHO MINISITIRI NSENGUMUREMYI AKARYUMAHO

Nyuma y'ibyatangajwe mu kinyamakuru UMURANGA Spesiyali cyo kuwa 18 Nyakanga 1991 byerekeranye n'inyerezwa ry'ibyagenewe abavuye mu byabo bitewe n'intambara muri Prefecture za Ruhengeri na Byumba, ubu tukaba enquête tuyigeze kure ngo tuzagaragaze aho ukuri guherereye, twaje kugwa kuri dosiye iteye agahinda.

Hambere aha abagiraneza bahaye CRR imfashanyo y'imiti ifite agaciro karenga miliyoni eshanu. Iyo mfashanyo y'imiti yari igenewe ikigo cy'impunzi z'abarundi kiri i Gisali.

| Ubwoko bw'umuti | Umubare w'ibyatikiye | Agaciro mu FRW |
|---|---|---|
| 1. Sel de Rehydratation | 1000 sachets | 15.000 FRW |
| 2. Glucose à 30 % | 12 ampoules | 600 FRW |
| 3. Streptomycine 5 Gr | 1550 flacons | 232.500 FRW |
| 4. Quinine injectable | 28800 ampoules | 2.304.000 FRW |
| 5. Lignocaïne | 5425 flacons | 1.627.500 FRW |
| 6. Nitrofurantoïne | 7300 comprimés | 58.035 FRW |
| 7. Vitamine B complet | 85.000 comprimés | 127.500 FRW |
| 8. Povidone iodine à 10 % | 25 flacons | 12.000 FRW |
| | Total | 4.377.635 FRW |

Aho igereye muri CRR BIZIMANA Jean Baptiste Secrétaire Général adjoint muri CRR, yayiciyemo imirwi, imwe arayitanga, maze yisigira imiti ikunze gukenerwa na rubanda nyamwinshi (itako ry'umutware) ayirekera muri stock ategereje kuzayigurisha ku giti cye n'amafarumasi privées. Ibyo rero ntibyaje kumuhira kuko mu gihe yariho yiruka inyuma y'abanyamafarumasi ashaka uwamuha inoti zitubutse, ya miti yaje kuborera muri stock. Icyo tutazi ni ibisobanuro yahaye abamutegeka.

Si ubwa mbere kandi, uwo mugabo wagirango yakonze CRR dore ko ayimazemo imyaka kandi nta bundi buhanga agaragaza, akomeje kubangamira bikabije inyungu za CRR. Dufite ibimenyetso bihagije ko ariwe utuma dosiye RP 32.237/KGL, isaziye mu Rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Kigali gukurikiranwa kuko bene kuregwa bamuhaye igice cy'amafaranga banyereje. Abaregwa ni:

- UWIMANA Antoinette warigishije 1.279.799 FRW
- MUNYAZIKWIYE Ignace wibye 4.784.000 FRW.
- na UWIMANA Odette wanyereje 417.529 FRW

Ikibabaje rero ni uko abo bose biyemereye icyaha imbere y'ubushinjacyaha.

Nkuko rero namwe mubyibonera, uretse kuba yakurikiranwa mu bucamanza, igihe kirageze cyo kugira ngo asezererwe muri CRR kuko umutima w'impuhwe wagombye kuranga abatabazi ntawo akifitiye, ahubwo yahindutse umucuruzi.

**N.B.**: Minisitiri Nsengumuremyi, ibyiza yakwicecekera. Nakomeza kwikoma Kangura tuzavuga ibintu byose.

*La Rédaction*

# BABAMENYEREJE KWIBERAHO NK'ABADAFUNZWE BIBAVIRAMO IRUHUKO RIDASHIRA.

Muri 1937 (Gereza ya Gisenyi), mu minsi ishize hari abanyururu bahoze ari ingabo z'u Rwanda bari bahafungiwe ari batanu: Nshimiye, Niyibizi, uwo bahimbaga Muvoma, Şebakiga na Nkurunziza. Abo bose ibibazo byabo cyangwa amakosa yabo byagombaga gusuzumirwa i Kigali.

Ku itariki 16 Nzeri nibwo imodoka yagombaga guturuka i Kigali igamije kujyana abo bagororwa muri 1930. Kuri iyo tariki imodoka ntiyaje, bituma hatangwa undi munsi, ari wo washyize akadomo ka nyuma k'umurage w'ubutumwa bw'abagororwa bane muri batanu bavuzwe haruguru, bari bafite kuri iyi si.

Nyine tariki 23 Nzeri 1991, hakaba hari kuwa mbere, ngo ba bagororwa barahamagajwe, bava mu gipangu baza mu mbuga ikikijwe n'andi mazu arimo urusengero, inzu y'abagenzuzi bari ku izamu, ibiro bya Diregiteri, ikigo cya gisirikari n'andi mazu menshi. Birumvikana aho binjirira bajya muri iyo mbuga umuntu aturutse ku muhanda wa kaburimbo (avenue du commerce) hari bariyeri, icungwa n'umugenzuzi (surveillant) uba afite imbunda. Kugira rero ngo umuntu uri muri iyo mbuga atoroke biragoye kuko aramutse acitse abakozi ba gereza, ntiyabona aho anyura abasirikari barinze ikigo cyabo bahora bakwirakwiye hafi aho.

## BIRIWE BANYWA KWA MUKECURU.

N'ubwo Gereza ya Gisenyi irinzwe koko, ntibyabujije ba bagororwa bacu kunyarukira kwa Mukecuru gufata ka mutsingi. Buri wese akibaza ukuntu bahageze kandi bari basabwe kuguma muri ya mbuga bategerejeko imodoka iza. Mu by'ukuri, nta wugize icyo ahamya, ariko niba abagororwa bararenze imbago za Gereza bakajya kunywa kandi mu masaha y'akazi, birara nga uburangare bw'abashinzwe kubarinda cyangwa ubwumvikane bushobora kuba bwarabaye hagati yabo n'abandi bantu bakora muri 1937 bataramenyekana. Kuko kugera aho banyweraga byerekanako batari batorotse. Bari ahantu hazwi n'abatumye basohoka.

Aho kwa Mukecuru ni hafi ya Gereza, ku nzu nini, ndende, ifite amabati y'icyatsi. Iyo uhagaze iruhande rwa bariyeri y'abasirikari iri mu Gikarani, ukerekeza iy'i Kivu uba uyirora isumba andi mazu ayibanziriza iburyo bw'agahanda gahari. Aho ngaho ni ho banyarukiye maze "amazi" si ukuyakubukira biva inyuma. Bigeze mu ma saa tanu y'amanywa ngo hari umugenzuzi wahageze na we aje kwicurikira i nzoka maze ahakubitanira n'abo ategeka. Ni bwo abasabye gusubira "imuhira". Abahungu ntibamwumva ndetse n'ivogonyo ntiryabura. Umugenzuzi aramanuka no kuri Gereza, akora kuri bagenzi be babiri baba babaye batatu, imbunda barazegura, berekeza iyo kwa Mukecuru. bahindukirana abagororwa babo uko ari batanu. Bageze kuri kaburimbo, abashorewe bati "none twari kujya i Kigali. Ntitwagiyeyo. Kubera iyo mpamvu nta bwo turya ibyo muri Gereza yanyu. Turazamutse kurya ku maduka. Niba mubishaka nimuze mujye kuturindirayo". Bakimara kubabwira batyo, bakaryamye berekeza ibumoso, ntacyo bitayeho, bizeye ingufu Mitsingi yari imaze kubongerera. Ubwo abagenzuzi bahita bumvako uburyo "bwiza" bwo gukemura ibibazo ari uguhita batamika maze amasasu bakayabarekuriraho. Ibyo byarabaye, mu mugi abantu bariruka abandi barihisha kubera urusaku rw'imbunda. Icyo gihe byari hafi saa tanu na mirongo itatu n'itanu z'amamywa y'ihangu. Umwe muri bo ahita ahagwa, batatu bandi bapfira kwa muganga, uwitwa Nkurunziza arakomereka cyane. Wenda naramuka akize niwe uzabara ukuntu bagenzi be bahembwe iruhuko ridashira, nibinashoboka yi shyure Mukecuru kuko nk'uko bivugwa inzoga banyoye bashushubikanyijwe batazishyuye. Uretse ko n'ubusanzwe abanyururu batagendana amafaranga.

Hagati aha twumvise ko iraswa ry'abo bagabo ryazamuye ibibazo byari bisanzwe ari ingorabahizi muri iyo Gereza noneho bigashyirwa ahagaragara. Nk'uko mwabyumvise mu maradiyo yanyu, byageze n'aho bihagurutsa Minisitiri w'Ubucamanza.

Ku bw'umwihariko abakunzi b'umwe muri abo bitabye Imana ari we bagenzi be bahoranye muri CELCDO bitaga MUVOMA, badusabye kumenyesha inshuti n'umuryango we ko bifatanyije nabo mu kababaro batewe n'iyo mpanuka. Ibi twabisabwe cyane cyane n'uwo bita RUTAMBI. babanye igihe kirekire.

Issa NYABYENDA.

# ABANA BARANGIJE UMWAKA WA 7 N'UWA 8 TUBAYE ABANDE ?

Ivugururwa ry'amashuri rimaze kuribumba. Mubyo ryari rigamije harimo kongera imyanya mu mashuri yisumbuye hakoreshejwe kwagura ibigo by'amashuri bisanzwe no kubaka ibindi bishya, kongera umubare w'abana biga bicumbikira, kuvanga ibitsina no gutera inkunga abifuza bose gushinga amashuri yigenga.

Zimwe mu nshingano tumaze kuvuga zageragejе kugerwaho ariko ibisigaye inyuma ni insobe. Ibigo byinshi ntibirashobora kwakira nibura abanyeshuri 400. ikwirakwiza ry'amashami yose mu turere twose tw'igihugu risa n'iryasinziriye mu mpapuro, abayobozi b'ibigo bimwe na bimwe cyane cyane iby'abakobwa bakomeje gukoba ngo ntibashaka ivanga ry'ibitsina no gutuma abana biga bicumbikira.

Naho amashuri yigenga yo nubwo yiyongereye ntacyo amariye

→

KA02 1449
KA021449

rubanda rugufi nyamwinshi kuko yigwamo n'abifite gusa. Hari n'abubaka amashuri yo kwakiramo bene wabo gusa maze bakiremamo udutsiko dushobora no kugirira nabi igihugu cyose. Ibyo bikunze kuboneka mu mashuri ayoborwa kandi yashyizweho n'abatutsi. Iyo rero amashuri ateye atyo atikuye akemererwa gutanga impamyabushobozi zemewe - nk'uko tubona Minisitiri Mbangura yabyitabiriye- birushaho kuba umwaku. Mu myaka itari myinshi itaha za diplome na za Kaminuza bizaba ubukonde bw'abo bantu, tutibagiwe ko amenshi mu mashuri yigenga atesha agaciro imyigishirize yo mu Rwanda yari igifite akabanga no hakurya y'inyanja. Bapfa kwimura n'abaswa, icyangombwa ni ukubona abakiliya benshi.

Uwakurikiye rero neza intugunda ziterwa n'ibibazo by'amashuri yakwibaza niba hari icyo ivugurura ryamaze cyangwa riteze kumara, hari n'abahamya ko imyigishirize mu mashuri yisumbuye yasubiye inyuma. Ngo za oridinateri zarateye ra ! Ariko se nizo zongera imyanya mu mashuri, ko n'iyo zivubuye ziruka ibyo bazitamitse gusa kandi ntibibuze cya kirango cy'abashaka Nyakubahwa Bwana Minisitiri ngo bamupfunde udupapuro kurema. Ubanza icyakora ngo ba Kaporali na ba chien méchant n'ibindi bizungerezi ngabo na ngore bari barakungahajwe n'amarorerwa bakoraga mu burezi bw'igihugu baba baragabanutse ariko umwuka uracyari wa wundi : abo ba nyakwigendera basimbujwe ba Talleyrand (abize amateka y'Ubufaransa bazi uwo mupadiri 1754-1838) n'ibindi bisonga byo mu majyepfo byihagazeho. Abantu bo hanze nabo bakwiye icyakora kwivugurura ntibakomeze guhembera icyorezo cyabaritsemo cyo kwibwira ko ntawe ubonera umwana we ishuri atabanje kwisaka.

Uburyo ivugururwa ry'amashuri rikorwa muri iki gihe bwakomeje gushyirwa mu majwi kuko abareba kure basanga ari ntaho buzageza uburezi, mu Rwanda. Ku itariki ya 30/1/1987 Perezida wa Repubulika ubwe yivugiye ko iryo vugurura rigomba guhora ritekerezwaho kugira ngo turebe niba ryarakemuye ibibazo duhura nabyo. Ni nabwo yasabaga Kaminuza gusuzuma nayo icyo kibazo. Raporo yatanzwe na Kaminuza muri mata 1988 yongeye gusesengurwa na komisiyo yo mu rwego rwa politiki yashyizweho ku wa 28 Werurwe 1988. Nyuma y'impaka zose zagiwe n'inzego zinyuranye hemejwe ko umwaka wa 7 n'uwa 8 bivuyeho. Mu mwaka wa mbere w'inononsora ry'ivugururwa ry'amashuri Leta yakoresha ikizamini icyarimwe abana barangije umwaka wa 7 n'uwa 8 ifite umugambi wo kwimurira mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye nibura 10% bya bose. Ikizamini ubu cyakozwe n'abana hafi 125.000. Mu mwaka wa kabiri hazakora abarangije uwa 7 n'uwa 6 naho mu mwaka wa nyuma w'inononsora habazwe abo mu wa 6 noneho bijye bikomeza gutyo.

Twibutse ko umubare w'abemererwaga, bambe batsinze, wiyongeraga buri mwaka 6,7% mu 1984; 7,6% muri 85/86; 8,9% muri 86/87; 9,7% muri 87/88; 11,3% muri 88/89; 12,2,% muri 89/90 na 13% muri 90/91. Byaba rero ari ugusubira inyuma kugaruka kuri 10% ni ukuvuga hoherejwe nka 12500 gusa mu mashuri yisumbuye, kandi nyine ni yo myanya yashoboye kubarurwa n'ibigo by'amashuri ya Leta n'ibyigenga ariko bifashwa na Leta. Hagombye kwimuka nibura abageze kuri 16000, ni ukuvuga 7500 by'ab'uwa 8 na 8500 by'abo mu wa 7. Mu n°18 ya "Kangura" umusomyi w'icyo kinyamakuru (N.E.) utarashatse kwivuga izina yasohoye inyandiko - uretse ko abacuzi b'amatiku bihaye kuyitwerera abatazi amavu n'amavuko yayo - yibaza impamvu Minisitiri w'amashuri abanza n'ayisumbuye ushinzwe mbere na mbere icyo kibazo yituramiye ibyo kwagura no kubaka amashuri no kuyaha ibikoresho bihagije bigaherera mu ma disikuru asize ubuki gusa.

Muri urwo rwego uwo mutegetsi afatanije n'izindi nzego zirebwa n'imishinga y'ubwubatsi bakwiye kwihutisha imishyikirano n'ibigega bitsura amajyambere y'uburezi, abagiraneza bose babishoboye, abanyamadini, amashyirahamwe y'uburezi, ibihugu n'imiryango mpuzamahanga kugira ngo haboneke igice kinini cy'amafaranga ateganijwe mu gihe cy'inzibacyuho. Nk'ubu babaze ko mu mashuri y'ibiburamwaka hakenerwa + 4.850.000 FRW; muri abanza = + 690.000.000; muri agamije amajyambere y'imyuga + 1.923.000.0000 naho mu yisumbuye bikaba 506.000.000. Leta igomba rero gukora iyo bwababaga ikareba aho yasaruza nibura amafaranga angana na 3.123.850.000 agenewe gutunganya kurushaho ivugururwa ry'amashuri. Nah'ubundi urwo rubyiruko rwose ruzaba urwa nde nibakomeza kurutererana ?

Ku kibazo cyo kwimurira abana mu mashuri yisumbuye induru ziracyari induru; ahubwo ntangazwa n'uko amashyaka atagitindaho bihagije kandi ngo agitangire imyanzuro ishimishije. Jye nasabaga abashinzwe imirimo yo gukoresha ikizamini cya Leta kureba niba bitarushaho kuba byiza kugitegurira muri Minisiteri ariko gukosora no gushyira abanyeshuri batsinze mu myanya bigakorerwa mu maperefegitura cyangwa mu makomini; bityo buri karere kakitoranyiriza ubwako abagomba kwimuka baba mu kigo cyangwa bicumbikira hakurikijwe umubare w'abana n'imyanya mu mashami y'ingeri zose kagenewe na Minisiteri. Icyo gihe buri mubyeyi azashobora gukurikirana neza kurushaho uko imirimo y'ibyo bizamini yagenze induru zikagabanuka. Ibyo kandi ntibyabuza Minisitiri n'abatekinisiye be guhengamura aho babona byagoramye mbere y'uko amalisiti y'abatsinze ashyirwa ahagaragara kuko ibyo aribyo byose ari bo bagomba kubiha umugisha wa nyuma !
Simvuze ko ubwo buryo bugamije kongera imyanya ariko bwatuma nibura abivovotera ko Minisiteri ikora ibyo yishakiye bacisha make; ndetse buri karere na buri mubyeyi bakumva ko noneho bafite uruhare mu myigire y'abana babo bakaboneraho gutera inkunga Leta uko bishoboreye.

Naho bya bizamini byo gutanga impamyabushobozi nabwo Le-

*Komeza kuri page 13*

# BAKORESHA, NIMWONGERE MUSUZUME IBYANGOMBWA BY'ABAKOZI BANYU.

Bimaze kugaragara mu bigo byinshi, byaba ibya leta cyangwa ibyigenga ko hari abantu babona umwaka w'amashuri urangiye bagahita bashaka ibyemezo byo gu tsinda umwaka wa nyuma w'ama shuri yisumbuye, akaba ari byo ba shakiraho akazi. Icyo gihe iyo bakabonye babwira abakoresha ngo i mpamyabushobozi bazazizana Minisitiri amaze kuzisinyaho. Kubera ko baba bazi ubusambo bakoresheje, usanga abakozi nk'abo ari bo bagaragaza umurava cyane ku kazi kurusha abandi. Ibyo babigirira kugira ngo berekane ko bazi akazi kandi barusheho guhuma abategetsi babo amaso ngo batazabasaba kuzana amadosiye yabo.

Abantu bateye batyo u Rwa nda rwabaherukaga mu bihe byo hambere, ubwo "diplôme" imwe wasangaga ikoreshwa n'abantu barenze umwe, hakoreshejwe amayeri ya za fotokopi. Cyangwa abandi bagakoresha iz'abavandimwe babo bitabye imana. Amayeri nk'ayo nta wahamya ko yashize burundu kuko iyi ntambara yerekanye ko hari abantu bazi neza kwigana amasinya y'abandi, bakanigana amakashe. Kugira ngo umenyeko impamyabushobozi itasinyweho na Noteri uyu n'uyu, bisaba kujya aho bigaragarako yasinyiwe, noneho bakareba mu zo basigarana niba hari iyo basigaranye. Iyo ibuze rero birashoboka kwemezako byakozwe mu bujura.

Kubera ko ibyo bintu biriho kandi bikaba bitajyanye n'umuco nyarwanda nk'uko bitemewe n'amategeko agenga abakozi, bakoresha mwese turabibukije, nimwongere musuzume ibyangombwa by'abakozi banyu. Abatabyujuje babyuzuze, abafite ibihimbano mubashyikirize ubutegetsi maze bisobanure. Tubibukije gukora isuzuma kuko tufite amakuru atumenyesha aho ibintu byabaye. Nko muri Banki y'Ubucuruzi (BCR) hari urugero rw'uwakoreraga kuri attestation de réussite ngo ategereje ko habaho isinya rya za diplômes rizakorwa na Minisitiri. Imyaka yarashize indi irataha, abagomba kubona izabo zibageraho, utayikwiye, birumvikana, ntiyayibona ariko akomeza kwizeza abategetsi be ibitangaza. Kera kabaye baramukaza noneho ahitamo amayeri yo gusezera.

Urugero nk'urwo na none rwatugezeho ruturutse muri Banki ya Kigali (BK) aho umukozi yamaze imyaka itanu yose akorera ku mpamyabushobozi y'undi muntu ahekenya inoti ntacyo yishisha. Igihe cyarageze na we aratahurwa. Ikibazo nk'icyo giherutse kandi kugaragara kuri RADIO-RWANDA. Hari umukozi wahakoraga avuye mu mashuri y'abapadiri, ariko akaba yarayagezemo atararangije ayisumbuye. Ibyo ntaho bitaba! Umuntu wacu yashyizwe mu isominari nkuru biramunanira biba ngombwa ko yinjira mu buzima busanzwe. Ni bwo asabye akazi muri ORINFOR, arakabona, bamushyira mu batanga ibiganiro. Vuba aha ngaha bamusaba "diplôme" y'amashuri yize kugira ngo buzuze idosiye ye. Wa bene ntacyo yigeze avuga, yifatiye utwangushye, yisezerera atyo. Hari ubwo se muki mvumva? Si ubwa mbere bibaye muri ORINFOR. Muribuka uwo bitaga KAMBANDA wari kontabure wa ORINFOR. Ubu benshi bahamuzi bahise bibuka i fiyeri yatutaga muri Ofisi. Abandi bamuziho kuba yarakoraga icyarimwe muri ORINFOR no muri Hôtel des Mille Collines. Nyamara yaje gutahurwaho kutagira diplôme.

Ntibyari ngombwa ko hatangwa ingero, kandi izo tubahaye sizo zonyine gusa tuzi. Ni nyinshi cyane. Gusa twabigiriye kugira ngo ubutegetsi n'abakoresha barusheho gukanguka no gusobanukirwa. Turashima MINIFOP kubera ibyemezo bishya yafashe byo gusinyisha abakozi bayo mu rwego rwo kwemeza ko impamyabushobozi batanze basaba akazi bazemera ubwabo. Turizerako icyo cyemezo bazaba batanze kizafasha abakoresha bose, yaba leta cyangwa abikorera ku giti cyabo kuzajya barega izo nyangabirama ziba zaratamiye amafaranga zidakwiye.

Cyakora bakoresha, mwagenzura mwagira, muramenye ntihagire uwo muhutaza. Hari ababona impamyabushobozi batinze koko. Aha turatekereza abarangije muri Zaïre. Umwaka ushobora gushira batarabona impamyabushobozi. Ariko niba hari abakoresha bafite abaheruka kurangiza muri icyo gihugu, hari ikindi kimenyetso ngombwa bagomba kubasaba. Icyo kimenyetso ni ikinyamakuru cyo muri Zaïre cyanditsemo ko runaka yabonye diplôme. Ubwo buryo byibura bwaba bukemuyeho gato icyo kibazo cy'ubujura.

HABIMANA Djuma
Gisenyi-Info.

## IBIKURIKIRA Page 12

ta yari ikwiye gutanga ikizamini kimwe rukumbi ku banyeshuri bose biga mu ishami rimwe ry'amashuri ya Leta n'ayigenga ariko afite uburenganzira bwo kwigisha n'ubuzimagatozi maze ibigo si ukurushanwa bikamarayo.

Ibyo bizamini byakusanya hafi amasomo yose, byategurwa mu ibanga rikomeye n'abazobereye mu nteganyanyigisho z'amashuri yisumbuye, bafatanyije n'abarimu bigisha buri somo n'abandi bantu bazwiho ubuhanga mu gutoranya ibizamini. Ndetse byanashoboka bigakosorerwa mu mahanga (cyangwa ahandi hantu harinzwe bihagije) n'abantu badafite uburyo ubwo aribwo bwose bwo gukopera no gukopeza.

Karemera Philippe
Kibali (Byumba)

 KA02 1451

KA021451

# P.L. YAMENYESHEJE RUBANDA KO KURI M.R.N.D. NTA MAHWEMO.

Umuyobozi wa P.L. Mugenzi Justin yabivugiye ubwe kuri Radio-Rwanda, nta gahato, nta mazinda, mu kwishyira ukizana kwabo, abifitiye akanyamuneza ati ngo "muragira ngo intambra izarangira ? Bishoboka bite MRND ikomeje gutsinda no mu matora! MRND iramutse itsinze, intambara izakomeza".

Ibi yabitangaje igihe umunyamakuru wa Radio-Rwanda yamubazaga icyo batekereza ku nama yabereye i Gbadolite muri Nzeli 1991, ariyo nama yiswe "iy'amahirwe ya nyuma". Ibyemezo byafatiwe muri iyo nama Mugenzi n'abayoboke b'Ishyaka rye ngo babikubye na zero ngo ntakavuro. Kuri bo ahubwo icyari ngombwa, cyari kuvamo cy'ingirakamaro ni uko Minisitiri wacu w'Ububanyi n'Amahanga Casimir Bizimungu aba yaraboneyeho akanya agashyikirana n'Inkotanyi Kanyarengwe wari wabuze amajyo muri iyo nama.

Kanyarengwe n'abo bari kumwe si'abayoboke ba P.L. bari gukotanira iyo muri Uganda? Muzi mwese ko byagaragaye, umwanzi turwana nawe Nyenzi Nkotanyi, ni nk'ikinyamaswa gifite igihimba kimwe n'imitwe ibiri. Umutwe umwe ugizwe na P.L. turwana nabo bari imbere mu gihugu, undi mutwe ugizwe n'ingabo za NRA/FPR, badutera baturutse muri Uganda. Mugenzi bamubajije amaherezo y'iki kibazo, ndetse n'icyo imibonano izakurikiraho yazamara, yashubije atizigamye ko ari ntacyo ubutegetsi buriho buteze kugeraho, hatabanje uguhirikwa kwa MRND. Ati ndetse MRND tugiye no mu matora igatsinda, intambara izakomeza. Kuko n'ubundi FPR ijya gutera yashakaga kurimbura MRND, abayoboke bayo na Perezida wayo. Twibaze gato. Iyi ntambara irarwanywa na bande? Bari mu rihe shyaka mbere y'uko itangira? Abayirwana ni Ingabo z'u Rwanda zishyigikiwe n'imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda bose bahoze ari abayoboke ba MRND. Ni bande bandi baziyemeza guhabwa urubuga rwo gukomeza guhangana na P.L. n'abandi bose bazaba batsinzwe na MRND mu matora noneho bagashakira amahirwe mu mirwano? Baturage namwe Ngabo z'u Rwanda, murumva ko Mugenzi Justin mwese yabometse mu gihande kimwe, akabashyira ku rugamba rwa MRND, yiyibagije ko iyi ntambara ireba n'abayoboke b'andi mashyaka nka MDR na PSD. Rero ngo ayo mashyaka afite uko ayiyegereza, bagashyikirana mu guhirika MRND. Bararye bari menge niba bemeye gusangira ijambo n'inzoka! Mama se abaturage bari ku rugamba kandi biyemeje kwibera abayoboke ba MDR bo bazaba abande? Bazafasha intwaro hasi, bange gufasha Ingabo zabo, cyangwa nabo P.L. izaboshya basubiranemo n'abayoboke ba MRND. Mwumvise ko P.L. ifite uburyo buyoka ikoresha mu kwigarurira MDR, abazi kureba kure birabababaza. Hari abayoboke ba MDR nasanze bibaza niba Ishyaka ryabo ritagiye kuzaba igikoresho cya P.L. nk'uko F.P.R. ikoresha ba Rizinde, Bizimungu n'abandi ... MDR uyobewe ko ari wowe na MRND muharanira Demokarasi na Repubulika mu Rwanda!

Yee inzira munyuramo si zimwe ariko twese twizera ko intego yanyu ari imwe. Nta kuntu byaku nvikana ko hagira ufatanya ndetse unavugana n'umwanzi P.L. Ishyaka rigamije kugarura ingoma ya cyami. Mbese P.L. iramutse itsinze twazajya he? Ko bo no kuva na kera barahiye ko twese baturimbura, abacitse ku icumu bakaba impunzi nkabo. Rubanda muramenye!

Abiyemeje kuvugurura MDR, mureke kuyivugurura macuzi, mujya inyuma ya 1959, muyivugurure mujya imbere mureba n'ibihe tugezemo. Kayibanda ashinga iryo Shyaka yanzi iki? Umuzimu wa Nyakwigendera wazabibaryoza! Ubwo P.L. yiyemeje kuzakomeza kurwanya abaturage n'Ingabo z'u Rwanda, babaziza gukomeza guharanira ibyiza twazaniwe na Revolusiyo yo muri 59, bigashimangirwa n'ibyiza twazaniwe na Politiki ya Repubulika ya Kabiri, ubwo ifite uko yireba mu bigango.

Yewe baciye umugani ngo nta nkumi yigaya! Ariko ngo iryarenze umunwa rirusha ihamagara. Ubwo Mugenzi yivugiye ubwe ko intambara ari ntaho igiye, "habwirwa benshi hakumva beneyo"!

H.N.
C/o Kangura.

---

*ITANGAZO.*

Mu gihe twateguraga iyi nimero tubonye amakuru atwemeza ko muri Radio-Rwanda bahashize umuyobozi w'Umuganda, utazi igifransa n'ikinyarwanda. None niba aribyo koko, u Rwanda ruraganahe?

Ni ibyo gukurikirirwa hafi!!!

---

**UBWANDITSI BWA KANGURA**

*NGEZE Hassan*
*NDEKEZI Bonaparte*
*RUBERA Papias*
*NSENGIYUMVA Evariste*
*HITIMANA Noël*
*NYABYENDA Issa*
*KANDEKWE Papias*
*BIZIMANA Boniface*

KA021452

# P.L. YANANIWE KWITANDUKANYA N'INKOTANYI ZA F.P.R.

Ku cyumweru ku italiki ya 1 Nzeri 1991 ishyaka rya P.L. (Parti Libéral) ryahawe urubuga mu murwa mukuru wa Kigali kugira ngo risobanurire abanyarwanda amatwara yaryo. Iyo nama yatangiye mu ma saa yine n'igice, yitabiriwe n'abantu batarenze ibihumbi bine. Muri ibyo bihumbi bine, abenshi bari abana bato n'insoresore ku buryo abari bemerewe gutora batageze no kuri 3/4. Twakongeraho kandi ko benshi cyane mu bari bitabiriye iyo nama ari abatutsi.

Iyo nama yatangijwe n'indirimbo yubahiriza igihugu. . Igihe twayiririmbaga, hari abayoboke ba P.L. bakomeje kwiyambarira udufero tw'ishyaka ryabo. Ese mama kuriya gusuzugura ibendera rya Repubulika y'u Rwanda hari isano bifitanye n'amatwara yabo yo gu pfobya ubutegetsi bwa Repúbulika bagakundwakaza ubutegetsi bw'i ngoma ya gihake ? Igisubizo uragisanga mu magambo bivugiye.

MUGENZI Yusitini ingirwa Perezida wa P.L. niwe wabimburiye abagombaga gufata amagambo, yatangiriye ku kibazo cy'intambara. Yatangiye atera igitutu inzirabwoba zacu avuga ngo hari «abibeshya ngo baratsinze» kandi inkotanyi zigikomeye. Akomeza avuga ko ababajwe n'abana babo bapfuye, yaboneyeho umwanya wo gusaba abayoboke ba P.L. kwisuganya bagashaka uko «batabara abana babo (inkotanyi) bagihumeka». Ese mama ko MUGENZI atazi kurasa ziriya nkotanyi azazitabaza iki ? Ariko afite akayabo k'amafaranga yasahuye mu banyarwanda azajya azohereza !

Tukiri ku kibazo cy'intambara MUGENZI yirinze kuvuga ubutwari bw'ingabo z'u Rwanda: nyamara igihe zarengeraga abanyarwanda nawe yari arimo. Ese ko avuga ngo ingabo z'u Rwanda ntizatsinze, MUGENZI yatwereka nibura metero kare imwe y'ubutaka bw'u Rwanda igenzurwa n'inkotanyi ?

Kubona MUGENZI agera n'aho abeshya ngo MUSEVENI siwe udutera ? Niko MUGE, inkotanyi zicumbikiwe n'ikihe gihugu ? Zigemurirwa n'ikihe gihugu ? Ibikoresho bya gisirikari zikoresha bigurwa n'ikihe gihugu ? Genda MUGENZI muri ariya magambo wavugiye kuri sitade rejiyonari y'i Nyamirambo werekanye ko udashobora kwitandukanya n'inkotanyi. Amagambo MUGENZI asigaye avuga arangwa no kwivuguruza cyane. MUGENZI ubwe yabwiye abanyamakuru bamwemezaga ko P.L. ikorana n'inkotanyi MUGENZI, yabihakaniye kure avuga ko atazizi. Nyamara kuri Sitade yivugiye ko azajya gushaka abayobozi ba F.P.R. n'ab'inkotanyi ngo akabumvisha ko bagomba kureka kudutera. Nyabuneka Repubulika y'u Rwanda ntizatume MUGENZI agenda wenyine, kuko P.L. icyo gihe yaba ihawe urubuga rwo gufatanya n'inkotanyi ku mugaragaro. Noneho P.L. igakorera imbere mu Rwanda naho F.P.R. ikayunganira iri hanze.

Ku kibazo cy'amoko, MUGENZI Yusitini umuyobozi wa P.L. yiyemereye ko ngo hari «ubwoko busumba ubundi» Dore ko no mw'ibendera ry'ishyaka rya P.L. harimo inyenyeri 3 ziranga amoko y'abanyarwanda. Hari inyenyeri imwe iri hejuru y'izindi 2, iyo nyenyeri iri hejuru ikaba ari ubwoko bw'abatutsi bugomba kujya hejuru y'ubwoko bw'abahutu n'aba twa bashushanyijwe n'inyenyeri 2 rizinganiye ku murongo wo hasi! None se bantu baharanira ukwishyira ukizana kw'abanyarwanda, hari ukuvangura amoko gusumba kuriya kwa P.L. Bariya bahutu rero bayobera muri P.L. bakomeze kujyamo ariko biyemeje guhakwa na bariya batutsi nk'uko ibendera ryabo ribisobanura. Naho abatwa bo ndakeka baciye akenge ku buryo badashobora kwemera gusubira ku ngoyi y'inkotanyi. Mugenzi we yanivugiye ngo abahutu badafite protection (ubarinda) ngo bashirira kw'icumu! Ese uriya MUGENZI ko ari umuhutu ni uwuhe mututsi umurinda?

Icyakora rero natitonda bariya batutsi bamubeshya ngo bazamurinda, nibo bazamwihitanira, dore ko we yanivugiye ngo amarorerwa abatutsi basigaye bakora ari menshi ku buryo yatinye kuyavuga ngo kugira ngo Imana itabumva ikabasukamo umuriro. Mugenzi yibagiwe ko Imana ihora ihoze. P.L. ntabwo icira akari urutega amashyaka aharanira ko amatwara ya demokarasi na Repubulika yashinga imizi mu mibereho y'abanyarwanda. Ibyo MUGENZI Yusitini umuyobozi wa P.L. yabyerekanye igihe yibeshyaga ngo araharabika MRND na MDR atazi ko rubanda nyamwinshi ubu yahumutse.

Yarabanje aranjwa ngo MDR ni isubira ku butegetsi izamena amaraso. Niko MUGENZI we hari aho ariya magambo wayasomye mu mahame remezo y'ishyaka rya MDR? Ese hari umuyoboke wa MDR wabonye yicana nkuko inkotanyi uvugira zibigirira abanyarwanda baturiye umupaka w'u Rwanda n'u Bugande? Mugenzi rero uramenye ko politiki y'ibinyoma abanyarwanda batayishaka. Kandi nujya kwamamaza ishyaka ryawe uzajye uvuga icyo uzamarira rubanda nyamwinshi. Nushaka gupfobya irindi shyaka uzajye uhera ku bikorwa byaryo, ureke kuritiza amakosa wumva wowe wakora. Kubona ubeshya abari baje guta igihe cyabo ngo barakumva ngo MRND yasubije abanyarwanda inyuma. Ese MUGE, mbere yo kucyatsa ako kageni, wiyibagije ko ibya Mirenge utunze wabibonye (nako wabishimuse) muri Repubulika ya kabiri? Ese none ubwo wabibonye ari uko uri umukiga ra??? Ngo ubwoko bumwe abatutsi bahejwe mu bya rubanda. Ngo abenshi bimwe akazi, mbega ikinyoma?

KA02 1453

KO21453

Iyaba wari uzi ko ahubwo abatutsi aribo baryamiye abahutu. Niba ugishidikanya jya gusoma inyandiko Dogiteri Lawuriyani UWIZEYIMANA umwarimu muri Dialogue n° 146 yise "L'Equilibre Ethnique et régional dans l'emploi: bisobanura ngo Iringaniza ry'amoko n'uturere mu kazi). Uzasanga ari muri leta ari mu masosiyete yigenga cyangwa agengwa na leta abatutsi barengeje 14 % by'abakozi kandi ibarura ryarerekanye ko abatutsi ari 9,77 % gusa. None se MUGENZI, urabona ahubwo koko abatutsi ataribo baryamiye abandi banyarwanda?

MUGENZI rero reka kubeshya abanyarwanda ngo MRND hari abo yaheje mu mirimo kandi na UWIZEYIMANA Lawuriyani umuhanga wemerwa mu Rwanda ndetse no ku isi hose asoza iriya nyandiko ye yemera ko mu Rwanda ntavangura ari iry'amoko, ari iry'uturere ryabaye ryatuma abatutsi (cyangwa undi munyarwanda) begura imbunda ngo bagiye kumena amaraso y'abandi banyarwanda. Icyo na kongeraho n'uko UWIZEYIMANA yandika iriya nyandiko yifashishije imibare afite umugambi wo kwereka abanyarwanda ukuri ku kibazo cy'iringaniza ry'amoko n'uturere mu kazi ko mu Rwanda. Uriya muhanga rero ukunda kuvugisha ukuri ntuzabeshye ngo hari ubwoko runaka cyangwa akarere aka naka ashaka kurengera, ahubwo we arifuza kubera rubanda nyamwinshi urumuri rw'ukuri kuzira ikinyoma.

Undi wafashe ijambo ni uwitwa MBONAMPEKA S. Natangajwe n'uko iriya mpumyi muri politiki yavuze amagambo meza ariko abayoboke ba P.L. bakamwima amatwi dore ko n'amashyi yo yarinze kurangiza ntayo yiboneye. Ese mama yazize ubuhutu bwe? Dore ko ubu hari n'abahutu benshi bafatwa nabi muri ririya shyaka none ubu bakaba basezera ari benshi. Icyakora uriya muhutu MBONAMPEKA nakomeza kwanga kumva inama za bene kanyarwanda ntabwo azanga kubona ako abatutsi bazamuhekesha. Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona kandi ngo agapfa kaburiwe ni impongo.

Bayigamba Adalbert ushinzwe uburezi n'umuco muri P.L. niwe wakurikiyeho. Yabaye agitangira kuvuga abantu benshi barigendera dore ko bari barambiwe kumva aho imigambi yo kurimbura rubanda nyamwinshi ifatirwa.

Ba Ntamabyariro Agnès nabo bakurikiyeho bizeza abari bakiraho ko abagabo benshi bazabayobora muri P.L. Ndasingwa Landuwaridi niwe washoje iyo nama. Ngo n'ubwo acumbagira ariko muri P.L. niwe uzinjiza ibitego byinshi. Igitego cya mbere ngo n'uko azategeka abatutsi bose kuyoboka kandi bagatora P.L. Igitego cya kabiri ngo n'uko umuhutu wese wumva ashobora kuba ingaruzwamafaranga ko bashobora kumwemera mw'ishyaka ryabo. Ariko ngo ubo bahutu mbere na mbere bagomba kwemera guhakwa.

RUBERA Papias

## P.S.R

# IBYITSO BIKOMEJE GUTEKA UMUTWE MU MASHYAKA ARIKO IKABAPFUBANA.

KANGURA ikoresheje ukuri n'ubutabera yiyemeje kwereka abanyarwanda abagizi ba nabi bagambiriye kunyunyusa imitsi y'abaturage ndetse n'abashaka kudusubiza ku ngoyi ya gihake KANGURA izakomeza gutangaza imigambi yabo mibi.

Muri iki gihe cy'amashyaka menshi, abatutsi bagifite inyota yo gutegeka bakomeje gushakisha amayeri yose basenya amashyaka y'abahutu bababeshya ngo barakorana.

Abayobozi b'amashyaka rero nibakomeze gushishoza cyane. Kuko abatutsi bose bakorera inkotanyi bashaka uko basenya amashyaka. Dore ubu hari n'umututsi wirirwa aririmba ngo uwamuguriza nibura miliyoni 3 yasenya ariya mashyaka yose yirirwa asakuza.

Kubona abatutsi bagera naho bajya gucengera no mu mashyaka atari yemerwa n'amategeko. Mwese muzi ko Ishyaka Sosiyalisiti Nyarwanda ko ritari ryemerwa n'amategeko. Ariko rero abatutsi ubu barahagurutse kugira ngo barihindure igikoresho cy'inkotanyi. Ibyo twabibwiwe n'umuyobozi wa Parti Socialiste Rwandais mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru ku wa kane le 12 Nzeri 1991.

Muri iyo nama Perezida wa P.S.R. Parti Socialiste Rwandais yatubwiye ko hari abayoboke ba P.S.R. bari no mu buyobozi bw'iryo shyaka bagendaga bahererekanya impapuro z'ishyaka rya F.P.R. Kubera ko ibyo P.S.R. itabyemera yafashe icyemezo cyo kwirukana abo bagabo bakundwakaza F.P.R. Abo bagabo batanu kubera iyo mpamvu birukanwe muri P.S.R. akaba aribo Alexis BUKUBA, Médard RUTIJANA, François ZITONI, Antoine NTEZIRYIMANA, Jean Baptiste MBERABAHIZI. Ndetse ngo Antoine NTEZIRYIMANA yari amaze kunyereza amafaranga arenze ibihumbi mirongo itatu ku mutungo w'iryo shyaka.

Bayobozi b'amashyaka rero nimukomere mube maso kuko F.P.R. ishaka amayeri yose kugira ngo iyakoreshe bityo ibone uko igera ku migambi yayo mibi yo gusubiza abanyarwanda ku ngoyi ya gihake.

Papias RUBERA

# ABANYAKARENGERA BAHOTOWE NA SGEEM NA LETA.

Abaturage barenga mirongo ine bo muri komini Karengera baracyarira ayo kwarika kubera ibintu byabo byangijwe kera ntibabone indishyi. Mu mwaka w'1975 i Cyangugu mu makomini Gisuma na Karengera hadutse isosiyete SGEEM yubakaga amapiloni yo ku nzira y'amashanyarazi ava i Shagasha ajya ku ruganda rw'icyayi rwo mu Gisakura. Iyo sosiyete yarahahingutse yirara mu ntoke no mu mashyamba iratemagura. Abaturage bawe nabo bati Imana iratugendereye tugiye kubona akayabo k'inoti, naho byokajya !

Ubwo SGEEM imaze konona amashyamba, intoki, ibinini, amakawa, ibyayi n'ibindi yahise ibura maze abaturage basigara bayakanuye imyaka irashira indi irataha. Batiritimbye kwa Perefe no ku bagoronome babishinzwe ariko ntibyagira icyo bifata. Umugorononе KABATSI Yozefu ngo ni we waje kubarura ibyangiritse byose ariko ntawamenye amarengero y'iyo dosiye; ndetse bamwe bakeka ko yaba ikigaramiye mu biro byayo. Hagati aho icyakora abo mu Gisuma bo baje guhembwa naho aba Karengera ntibabona n'urupfusha.

Mu ibaruwa yo ku wa 9 mata 1985 abagabo bane Karekezi, Mbonankira, Bugirande na Niyitegeka bandikiye Perefe bamusaba kubasobanurira uko byagenda kugira ngo abatarabonye indishyi z'ibyabo bishyurwe.
Ku itariki ya 6 Kanama 1985 hamwe n'uwitwa Butera Samweli bagejeje ikibazo kuri Minisitiri w'imirimo ya Leta n'ingufu w'icyo gihe ubwe wari warasabye mu ibaruwa ye n° 08.06.030/5393 yo ku wa 12/8/1980 gukora raporo y'ibyangijwe byose. Iyo raporo yatanzwe na Burugumesitiri wa Karengera mu ibaruwa ye n° 05/03.09.01/13 yo ku wa 17/2/1981.
Ayo mabaruwa yose yabaye impfabusa kuko kugeza magingo aya amaso y'abanyakarengera yaheze mu kirere.

Hariho rero abibaza niba abanyamakuru nka Andereya Nambaje tuziho ubuhanga bwo gutara amakuru bashinzwe gusa ingendo n'amanama bya Nyakubahwa Bwana Perefe maze bakirengagiza ibihangayikishije rubanda rwa giseseka. Wenda ibikorewe i Nyabitimbo, Rasano cyangwa Bweyeye bishobora kumenyekana bigoye ariko se n'i Ntendezi kuri kaburimbo?

Nk'abo baturage se babuze ihene n'ibiziriko bazarenganurwa n'abagoronome bapfurika amadosiye nk'aho atari ay'igihugu n'abagituye, bazatakambira se abategetsi ba perefegitura bandikirwa bagaterera agati mu ryinyo cyangwa se Minisitiri wagombaga kudatererana bene wabo ?

Ikibabaje kandi ni uko hari inkwakuzi zitatakaje n'ihundo na rimwe ry'ishaka cyangwa zidafite isambu kuri iyo mirenge zihabwa ibya Mirenge naho bene ugusenyerwa koko bagacyura umunyu nawo wakayutse cyangwa ugize Nyagasani muri bo agapfundwa utw'imbuza kurahira.
Yewe Rukokoma iracyafite akazi !

NDEKEZI Bonaparte
Gisuma

# ABAGABO BARARYA IMBWA ZIKISHYURA: KONTABURE WA KOMINI RWERERE YANYEREJE UMUTUNGO UMUPOLISI ABA ARIWE UHANWA.

Muri iyo komine hasanzwe akamenyero ko guha abapolisi ba komine ibitabo bya kitansi z'amahoro ya komine n'ibitabo by'imisoro. None bimwe muri ibyo bitabo byarabuze na za souches zabyo ndetse n'amafaranga yabikomotseho ataramenyekana umubare yarabuze. Ese byabuze bite? Byaburishijwe nande? Ese bizaboneka bite? hehe?

Kw'itariki ya 24/06/1991, umupolisi yagiye gukora versement y'amafaranga no gutanga igitabo yarangije ngo abone uko afata iki ndi, ageze kwa kontabure amutera utwatsi ati si iki gusa kuko tukuburaho ibitabo icumi n'amafaranga yabyo.

Ubwo umupolisi agwa mu kantu kubera izo ngorane ahuye nazo ati ese ko mujya muduha igitabo buri wa mbere mukaba mudukorera igenzurwa (contrôle); twakirangiza tukagitanga n'amafaranga yacyo mukabona kuduha ikindi, ibyo bitabo mumbaraho mwabimpereye rimwe mute? Ese narangiza igitabo si ngitange mukampa ikindi bikarinda kugeza kw'icumi nta versement nkora ntimunyanikeho na manka (manquant) ngo muje muyakura ku mushahara wanjye? Ese ko buri kuwa mbere nakoraga nza gutanga amafaranga nabaga nakoreye iyo manka (manquant) mumbaraho y'ibitabo icumi mwayibonye mute?

Ati izi si ingorane ahubwo n'agahoma munwa ubwo ataha yumiwe ariko atanyuzwe.

## UBU IBIBAZO MURI KOMINI NI BYINSHI.

Bamwe bati ese uwo mukontabure mwasohoraga ibintu ntakurikirane uko byinjira yaba akora akazi ashinzwe, cyangwa n'amayeri yashatse gukoresha anyereza umutungo wa Komini noneho yabona umutwe umupfubanye akabigereka kuri rubanda rugufi. Abantu baravuga ngo hagati ya kontabure na kesiyere (caissière) hari akantu. naho umupolisi we ararengana kuko nta kuntu waba ufite umukozi ugucuru-

*Komeza ku rup. rwa 18*

KA02 1455

# IKIGANIRO UMUYOBOZI WA KANGURA YAGIRANYE NA MINISITIRI W'UBUBANYI N'AMAHANGA, DOGITERI BIZIMUNGU KU BYEREKEYE IBYO YAVUGIYE I NGOZI MU BURUNDI

Koko rero ngo burya utazi kubeshya cyangwa gukora ibyo atemera ntiyakora Poli[illegible]. Rubanda nyamwinshi, cyane cyane abakunda Kangura, bababajwe n'amagambo Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga yavugiye mu nama yamuhuje na mugenzi we w'i Burundi, bituma abasomyi bacu bagi[illegible]kari bwinshi ku buryo basabye ko Minisitiri yazasobanurira abanyarwanda icyatumye yemeza ibyo nawe azi ko atari ukuri.

Mbere yo kugira ibiganiro umuyobozi wa KANGURA yabanje kwiyereka abari aho, bari bagizwe ahanini na ba Depite, ba Minisitiri n'abandi banyacyubahiro banyuranye. Dore ko bwari bubaye ubwa mbere NGEZE HASSAN yiyereka mu ruhame nyuma y'aho asohokeye muri Gereza ya Kigali, aho yamaze igihe kitari gito azira amaherere. Benshi mu bari aho bagaragaje ukuntu bishimiye ifungurwa rye, uretse Perezida wa Repubulika bataganiriye kubera imirimo myinshi yari afite.

*NGEZE HASSAN:* Bwana Minisitiri turagira ngo mudusobanurire ku byerekeye disikuru mwavugiye i NGOZI ho mu Burundi, aho mwihanukiye mukemeza ko mufite ibimenyetso bigaragaza ko KANGURA ari INKOTANYI.

*MINISITIRI BIZIMUNGU:* NGEZE, rwose nanjye nari nateguye kuzagutumaho ngo nkugezeho impamvu navuze ariya magambo. Mu byukuri tujya kujya i NGOZI hari amakuru agizwe ahanini n'impuha, zigenda zikwirakwizwa hirya no hino ku isi, avuga ko inkotanyi zababajwe n'inyongwa y'ikinyamakuru cyawe, bityo nanjye mbiheraho mvuga ko mfite ibimenyetso byakwerekana ubukotanyi.

*NGEZE HASSAN:* Bwana Minisitiri, ibyo bimenyetso mwaba mubifite? Mwarabihawe na nde?

*MINISITIRI BIZIMUNGU:* Nakubwiye ko tugenda dufata mu nzira nyinshi ibivugwa n'Inkotanyi. Kandi byinshi ari ibihuha, ku buryo njye ubwanjye, usibye wenda ibya Politiki, nsanga Inkotanyi zarashatse kuguharabika ngo nibura zibone ko abakunzi ba KANGURA bagabanuka. Naho ubundi, nanjye nzi ko utakwemera gukorana n'umwanzi. Ese munakoranye wamukorera iki? We se yakumarira iki? Ahubwo tugomba gukomeza kwirinda kugwa mu mutego.

*NGEZE HASSAN:* Ko dufite ibimenyetso byacu mu itangazamakuru ko imbere mu gihugu hari abategetsi bahimba ibintu bagira ngo babyegeke kubo bazirana babashinja ubukotanyi, none ibyo bimenyetso mwaba mwarabihawe na bene kubihimba? Murabona ko bitaba ari ikimenyetso kigaragaza ko ntakigenda muri Politiki?

*MINISITIRI BIZIMUNGU:* Nakubwiye ko Inkotanyi zifite imitego myinshi, ku buryo utazitondeye zamukoresha ishyano. Naho ubundi ibitekerezo byanjye urabizi, sinshobora kugushinja ibyo ntafitiye gihamya, ariko ibindi byose muri Politiki birashoboka. Gusa, icyo njye nagusabaga, ni ukuba uretse kwandika ku Burundi kuko byabicira Politiki, kandi ari inshuti zacu.

Nguko rero uko Minisitiri BIZIMUNGU yahimbye ibintu adafitiye gihamya, nawe atemera, maze abikubita aho, agira ngo aneze uwo bari kumwe. Ibi byatumye abasomyi ba Kangura bamwe baba batangiye kumugirira icyizere gike.

NGEZE HASSAN.

(Bikurikira urup. 17)

riza ngo n'arangiza ibyo wamuhaye umuhe ibindi atarakwereka ibyo yavanye mu bya mbere?

Ikindi kibabaje cyane n'uko kontabure yabwiye Burugumesitiri ngo polisi yariye amafaranga aho kugira ngo akurikirane uko polisi yariye ayo mafaranga n'ibitabo bya (souches) sushe agahita ahagarika polisi ku kazi. Ese aho BUTSINGILI Alfonse (Burugumesitiri wa Rwerere) si icyitso cya SAFARI ko ntabure wa Rwerere mw'irigiswa ry'ariya mafaranga? Ese kwirukana uriya mupolisi bisobanura ko Komine ibonye amafaranga yayo? None se kuko BUTSINGIRI arakurikiranira hafi abanyereza umutungo wa Komini ayobora??

Ndangije iyi nyandiko yanjye nsaba abashinzwe kugenzura umutungo wa komine gukurikiranira hafi ukuntu umutungo wa komine Rwerere ucungwa. Naho ubundi ntabwo byumvikana ukuntu abaturage bajya basora amafaranga magana atanu, hanyuma akanyerezwa n'abategetsi kandi umuturage aba yayabonye yikokoye. Ese ko Burugumesitiri ariwe wa mbere ushinzwe gucunga neza umutungo wa leta, aho Butsingiri yaba azi irengero ry'ariya mafaranga? Murakoze.

NDEKEZI Evasi
RWERERE-GISENYI

KA021456

# LE ZAÏRE A SON TOUR : VICTIME DU TERRORISME DU FPR SOUTENU PAR LA NRA DE MUSEVENI.

*Pour ternir l'image du Rwanda sur la scène internationale, Kameya André et François Zitoni et autre "Tribun du peuple" tous avocats du diable et serviteurs de mensonge, essaient d'intoxiquer la communauté internationale en publiant dans leurs revues "RWANDA RUSHYA", "OPINION" et consorts, des listes de certains tutsi qui auraient été tuées a cause de leurs races selon les tutsi traditionalistes.*

*Et pourtant, aux prises avec les militaires de la République Rwandaise, la plupart de ces tutsi ont péris sur le champs de batdille, d'autres vivent dans les camps d'entrainement du tristement célèbre Front Patriotique Rwandais. Pour allonger la liste des morts, ces extremistes Tutsi ont même publiés les noms des tutsi qui sont encore en vie.*

*C'est connu et c'est vérifiable, Kameya et Zitoni travaillent pour ternir l'image du pays dont ils se reclament et blanchir l'ennemi qui l'agresse avec la complicité de la NRA armée ugandaise issue du maquis.*

*Personne n'ignore que le F.P.R. a perdue la guerre conventionnelle, qu'il menait contre l'Etat Rwandais. Dans le maquis, le F.P.R. essuie quotidiennement des cuisantes défaites se trouvant sans issues, le F.P.R., NRA interposé pratique un terrorisme que tout homme épris de paix doit dénoncer avec la plus grande insistance.*

*Ce terrorisme s'est concrétisé le 10 septembre 1991 quand l'armée de MUSEVENI a tirée avec les armes lourdes sur l'avion civil de la compagnie SCIBE ZAÏRE. Au cours d'une conférence de presse que le P.D.G. de SCIBE ZAÏRE a accordé à la presse officielle et privé dans l'hôtel des mille collines à Kigali, il nous a expliquer comment l'Uganda s'est rendu coupable en tirant sur l'avion civil le Folker 27 de SCIBE ZAÏRE, dans l'espace aérien ugandais au dessus de la région de Kabale. Comme on le voit sur la carte de navigation fournie par le commandant de bord de l'avion immatriculé 9QC-B.E., Monsieur Marion Jean-Jacques, l'avion faisait la route Kigali-Beni suivant son plan de vol à 16.000 pieds d'altitude.*

*Le PDG MBEMBA, citant des sources militaires spécialisées du Zaïre, indique que ceux qui ont commis le crime avaient dû s'y préparer longtemps en avance. C'est dire donc qu'ils disposaient d'informations précises sur le plan de vol. Ce qui amène à soupçonner l'existence d'une complicité entre les techniciens de la compagnie, soit des aéroports de Goma, Kigali, Beni ou Kisangani avec l'ennemi car ce sont là les seuls personnes sensés avoir accès à ce genre d'information. Dans ces conditions il importe d'utiliser un personnel fiable dans tous les services tellement sensibles comme l'aviation.*

*Le P.D.G. déplore l'acte criminel et s'en remet au gouvernement du Zaïre pour faire payer l'Uganda qui abrite et combat aux côtés des "cancrelats" du F.P.R et dont l'irrésponsabilité est allée jusqu'à commettre un acte aussi barbare. Nous avons été surpris d'entendre KAMEYA et ZITONI plaider en faveur de l'Uganda et essayer d'impliquer plutôt le Rwanda qui selon eux aurait dû prévenir l'avion des préparatifs de l'armée ugandaise comme si le Rwanda était lui-même prévenu ou encore de prétendre qu'il est possible que l'avion se trouvait dans le ciel Rwandais, mettant ainsi en doute l'aptitude du pilote en matière de navigation alors que celui-ci affirme avoir survolé le lac Bunyonyi de Kabale avant d'essayer des tirs de la NRA de Museveni.*

*Quoi d'étonnant lorsque l'on sait que ces mêmes journalistes à défaut ont publié le chauffeur de l'entreprenneur SHAMUKIGA, un certain NKAKA Charles sur la liste des morts Bagogwe alors qu'il conduit toujours son patron. Ils font plutôt semblant d'ignorer les massacres perpetrés par les Inkotanyi du F.P.R., leur parrains qui ont endeuillé des milliers de famille dans la région frontalière du Rwanda et de l'Uganda. Au lieu d'encourager la cessation des hostilités, ils appellent à la vengeance pour que le carnage ne connaisse point de fin. C'est absolument impensable que ces agents de la mass mobilisation à la solde des prédateurs de l'humanité ne fasse pas la moindre allusions à la mutilation des femmes, des enfants ou des veillards avant d'être livré à une mort féroce, tout cela à cause d'une guerre animée par la haine, la vengeance et la soif du pouvoir. Il est mieux pour ces tambourineurs de faire comme d'autres maquisards, à savoir se camouffler d'avantage au lieu de continuer à se révéler. Car personne ne peut tolérer plus longtemps leur hardiesse de se moquer ouvertement de leurs innocentes victimes civiles. Le monde civilisé doit prendre ses responsabilités et décourager toute forme de terrorisme partant dans le monde.*

*La Rédaction*



*Idini ya Isilamu yemera ko iyo umwana yitabye Imana ahitira mu ijuru i ruhande rwa Nyagasani. Ni ukuvuga ko hahirwa abafite abana babo mu ijuru. Kuko ku munsi w'imperuka aribo bazakora akazi ko kwakira ababyeyi babo. Docteur yabayeho guhera le 10.04.1990 saa moya za mugitondo kugeza le 31.08 1991 saa moya n'igice za nimugoroba.*

KA02 1457

KA021457



*Nyakwigendera Docteur ati : Intambara y'abanyarwanda yagombye gushakirwa umuti burundu. Kandi abitabye Rurema bitewe n'iyi ntambara bose, bakazafatwa nk'intwari.*
*Le 10 – 04 – 1990 au 31 – 08 – 1991.*